¹Ico gihe, Yesu anyura mumurima gw'amasaka mu musi gw'isabato. Abigishwa be kuko baribishwe n'inzara, batangira guca amahundo no kurya. ²Abafarisayo babonye ibyo bintu, baramubaza ngo: Reba abigishwa bawe barigukora ibitemewe umusi gw'isabato. ³Ariko Yesu arabasubiza ngo: "Ntaho mwasomye ibyo Daudi yakoze igihe yagize inzara, we nabari hamwe nawe?" "Ntaho si yinjiye munzu y'Imana akarya imikati yo kwerekanwa yo ari atemerewe kurya ari we cangwa si abo bari bari hamwe, kandi ugo mukati gwari gwaribwaga gusa n'abatambyi. ⁵Cangwa si ntaho mwasomye ko mumategako ko umusi gw'isabato abatambyi batakurikizaga isabato n'ikanisa, batashoboye kubihanirwa. ⁶Ariko, ndababwiye, hano hariho uruta uruta ikanisa. ⁷Yaba mwamenyaga ico bisobanuye: "Nishimiraga imbabazi kuruta ibitambo, ntaho mwari mugomba gucira urubanza abari batari kubarwa ho ibibi. ⁸Kuko Umwana w'umuntu ariwe umukuru w'isabato. ⁹Amaze kuva aho, Yesu yinjira mu sinagogi. ¹⁰Kandi murebe, hari harimo umugabo ufite akaboko k'akarema barabaza ngo: mbesi byemerewe gukiza umusi gw'isabato? Baramubajije kugira ngo babone ibyo bamuregesha. ¹¹Arabasubiza ngo: "Ninde muri mwe yaba afite intama imwe yagwa mucobo umusi gw'isabato ntaje kuyikuramo? ¹²None si umuntu ntafite agaciro kenci kuruta intama? Kumbe biremerewe gukora neza k'umusi gw'isabato. ¹³Nuko abwira uwo muntu: Rambura ukaboko kawe. Arakurambura, ako kanya karakira kamera nk'akandi. ¹⁴Ariko abafarisayo baragenda baja inama uko bagombaga kumwica. ¹⁵Yesu amenye ibyo barimo, yivira yo, abantu akangari baramukurikira bose arabakiza. ¹⁶Arabihanangiriza ngo: ntihaire uwo bacira umwaze w'ibyabaye. ¹⁷Kugira ngo risohore ijamba ryavuzwe n'umuhanuzi Isaya ngo:Uyu niwe umukozi wanje mwiza wo narondoye, Umukunzi wanje wo mumutima gwanje gwishimiraga; umutima gwanje guzaba kuriwe nawe azamenyesha abantu bose iby'urubanza rwa nyuma. ¹⁹Ntaho azatera amahane cangwa kwabira ijwi rye ntaho rizumvikana nabari gutambuka munzira. ²⁰Urubingo rudakuze ntazaruvuna, kandi urutambi rurikwaka ntazaruzimya kugez'igihe co azatsinda kubera gukiranuka kwe. ²¹Kandi kubw'izina rye amoko gose gazagira ibyiringiro. ²²Nyuma yaho bamuzanira umuntu w'amadayimoni w'impumyi, n'ikiragi nawe aragikiza: Ikiragi kiragamba no kureba. ²³Abantu bose barumirwa no kugamba ngo: uyu n'Umwana wa Daudi? ²⁴Abafarisayo babyumvishije baragamba ngo: uyu akuraga imbaraga zo kwirukana amashetani kuri Berezeburi umwami w'amadaimoni. ²⁵Ariko Yesu amenye ibyo barimo arababwira: ubwami bwose iyo bwiciyemo ibice burashiraga, umugi cangwa inzu yo bigabanyijemo ntibumvikane iragwa. ²⁶Kandi shetani yirukanye indi shetani abayigabanijemo ibice, azagira imbaraga gute? ²⁷None njewe niba Belzeburi ariwe umpaga ingufu zo kwirukana amadayimoni, mwebwe mukuraga ingufu hehe? Abo niba bazabacira urubanza. ²⁸Niba njewe umwuka gw'Imana arigo gumpaga ingufu zo kwirukana amashetani, mumenye ko ubwami bwo mwijuru bwamaze kubageraho. ²⁹Ni gute umuntu yakwinjira mu nzu y'umuntu ufite ingufu akiba ibintu byose, atabanjije gufunga uwo nyir'inzu, nyuma akabona kwiba ibye byose? ³⁰Uwo tutarihamwe nawe n'umwanzi wanje, aho kugira ngo arundarunde aratatanyaga. ³¹Kuri ibyo rero, ndababwiye ko ibyaha byose n'ibitutsi bizababarirwa, ariko uzatuka Umwuka Wera ntaho azababarirwa. ³²Umuntu wese uzatuka umwana w'umuntu azababarirwa, ariko uzatuka Umwuka wera ntaho azababarirwa nubwo byaba none nangwa mugihe kizaza. ³³Igitu nimucita ciza n'imbuto zaco muzazita nziza, kandi igiti nimucita kibi n'imbuto zaco muzazita mbi; kubera igiti kimenyekaniraga kumatunda gaco. ³⁴Mwewe urubyarwo rw'inzoka muri abantu babi, ni gute mwagamba amagambo meza? Kubera umuntu agambaga ibiri mumutima gwe. ³⁵Umuntu mwiza agaragaragaho ibyiza, kubera ko aribyo bimurimo, n'umuntu mubi yerekanaga ibibi kubera ko aribyo bimurimo. ³⁶Ndikubabwira umusi go guca urubanza abantu bazatanga raporo y'amagambo gose go bagambye. ³⁷Kandi amagambo gawe nigo gazakugira umukiranusti cangwa gagutsindishe. ³⁸Nuko rero bamwe mubakarani n'abafarisayo bafata ijamba baramubwira: Mwalimu, dushaka ko udukorerwa igitangaza. ³⁹Arabasubiza ngo: urubyarwo gw'imitima mibi n'abasambanyi rurigusaba ibitangaza, ntaco ruzahabwa usibye igitangaza c'umuhanuzi Yona. Kuko, ⁴⁰nkuko Yona yamaze imitaga itatu n'amajoro atatu munda y'igisamaki kinini niko bizabera Umwana w'umuntu uzamara munda y'isi imitaga itatu n'amajoro atatu. Abantu b'Ininawi bazahaguruka umusi g'urubanza hamwe n'uru rubyarwo, kandi barucire urubanza kubera ko bihanye umusi go Yona yarari kubahubiri. Ariko mumenye ko hano hariho uruta Yona. Umwami kazi wa Etiopia azahaguruka k'umusi g'urubanza hamwe n'urubyarwo kandi azarutsinda kuko yavuye ku mwisho gw'isi kugira ngo yumvirize ubwenge bwa Salomo, kandi hano hariho uruta Salomo. ⁴³Igihe co shetani avuye mu muntu ajaga gutura ahantu hatari abantu arigushaka aho yirukira ntahabone. ⁴⁴Nuko, akagamba ngo: nzisubirira muri yanzu yanje yonavuyemo, yayigeramo agasanga irimo ubusa ikoropwe no kupambwa, asubiragayo akazana ibindi bishetani birindwi kurushaho bikinjira muri

yanzu bigaturamo.⁴⁵ Imibereho yanyuma yuwo muntu irazambaga kuruta iyambere. Niko bizaba kwa runo rubyaro rubi rwa kino gihe.⁴⁶ Yesu yarakiri kuvugana n'aba bantu kumbe nyina na bene nyina baribari hanze barigushaka kumugambisha.⁴⁷ Umuntu umwe aramubwira ngo: nyoko na bene nyoko bahagaze hanze barigushaka kukugambisha.⁴⁸ Ariko Yesu asubiza uwo muntu ngo: Mama ninde na bene mama n'abahe? ⁴⁹ Nuko arambura ukoboko ku bigishwa be aragamba ngo: aba nibo mama na bene mama. ⁵⁰ Kuko umuntu wese ukoraga ubushake bwa Data urimwiyuru, uwo niwe mwene mama, mushiki wanjye na mama.

13

¹Ugo musu Yesu ava munzu aza kwichara mukibaya ku ngengeri y'ingezi. ² Abantu kangari baraza baramuzunguruka yinjira mu bwato aricara, abo bantu bose bahagarara hakurya. ³ Ababwira amagambo menci mumigani, atangira ngo: Umuhinzi umwe yagiye gutera imbuto. ⁴ Ari gutera, izambere zigwa uruhande gw'inzira, inyoni ziraza zirazitoragura. ⁵ Izindi zigwa mumakoro, hatari ubutaka buhagije, zimeze zanga gushinga imizi. ⁶ Nuko izuba rivuye rirazitwika ziruma. ⁷ Izindi zigwa mu mishubi, imishubi irakura irazisonga izibuza kwera imbuto. ⁸ Izindi zigwa mubutaka buboneye, zibyara imbuto akangari, zimwe mirongo itatu, mirongo itandatu n'izindi ijana. ⁹ Ufite amatwi go kumva niyumve. ¹⁰ Abigishwa be baraza baramubaza ngo: kuburiki urikubigisha mu migani? ¹¹ Arabasubiza: mwewe mwagiriwe ubuntu bwo kumenya amabanga go mu bwami bw'ijuru, ariko abohanze nta buntu bagiriwe. ¹² Umuntu wese ufite ikintu azongererwa byinshi, naho utagira ikintu, bazamwaka nako yarafite. ¹³ Nico gituma ndikubabwira mu migani : kugira ngo nibareba ntibagire ico babona, ¹⁴ kandi be gusobanukirwa ni ijamba ry'u muhanuzi Isaya rya sohoze kuribo ririkugamba: kumva muzumva, ariko ntaho muza sobanukirwa nokureba muzareba , ariko ntaco muzabona Kubera aba bantu bagize kwinagira mu mitima yabo, kandi no mumatwi gabo ntaho bumvaga neza amaso gabo garahumye, kugira ngo nibareba batagira ico babona be kugira nico bumva mumatwi gabo , be kugira nico bamenya mumitima yabo . kugira ngo be kuza ngo mbakize. ¹⁶ Ariko mwewe murahirwa, kubera ko amaso ganyu garabwira n'amatwi ganyu garumvaga. ¹⁷ Kubera ko, mubyukuri abahanuzi benchi n'abanyakuri bifujije ku bona kuribino murikureba ntibashoboka bifujije kumva ibyo murikumva bunobura, biranarirana . ¹⁸ None rero mwewe, n'imwunve ibisobanura bya wamuhinzi. Buri muntu wese wumvaga ijamba ry'Imana ntariyiteho, umwanzi arazaga akarikura mumutima gwe. ¹⁹ Uwo ni nka zambuto zaguye hafi y'inzira. ²⁰ Zazindi zaguye mumakoro ni wawundi wumvaga ijamba akaryakira yishimye. ²¹ Ariko ntamizi iri muriwe, nyuma yakanya gakeya ibigerageze nukuza ntigire kwihangana ijamba rikava mumutima gwe. ²² Zazindi zatewe mu mishubi, ni wawundi wumvaga ijamba ariko irari ry'isi n'ubutunzi bikarisonga ntiribiyare imbuto. ²³ Naho zazindi zatewe mubutaka buboneye ni wawundi wumvaga ijamba akaryishimira rikabyara imbuto muri we, hariya ijana, mirongo itandatu, na mirongo itatu. ²⁴ Yongera kubacira ugundi mugani ngo: Ubwami bw'ijuru bugereranywa n'umuntu wagiye gutera imbuto nziza mu murima gwe. ²⁵ Nijoro abantu bamaze gusinzira, umwanzi araza atera urukungu mu masaka arangije arigendera. ²⁶ Nyuma amasaka gamaze gukura, hagaragaramo n'urukungu. ²⁷ Abakozi babibonye, baragenda babwira shebuja: mwami, sitwateye imbuto nziza mu murima ? ²⁸ None urukungu rwavuye he? Arabasubiza: Uwo n'umwanzi wabikoze. Abakozi babwira shebuja: tureke tuje kurandura urukungu turujugunye. ²⁹ Arababwira ngo: Ntibishoboka, kubera ko murebye nabi mwarandura n'amasaka. ³⁰ Ahubwo mubireke bikurire hamwe, igihe co gusarura bizagaragara , urukungu muzarubika hamwe murujugunye mumuriro, naho amasaka muzagahunuka mubigega. ³¹ Yongera kubacira ugundi mugani ngo: ubwami bw'ijuru bugereranywa n'akabuto gatoya ka sinapi ko umuntu yagiye gutera mumurima gwe. ³² Akabuto nigatoya cane kuruta imbuto zose ariko iyo kamaze gukura karutaga izindi mboga zose ahubwo kakavamo igiti kinini, n'inyoni zose zirazaga kwarikamo kubera ko gifite amatabi gaboneye. Ababwira ugundi mugani: ubwami bw'ijuru busana n'agasemburo gakeya ko umugore umwe yafashe gasembura ingunguru itatu z'umusabike. ³⁴ Amagambo gose Yesu yababwiraga akoresheje imigani, nta n'ikintu na kimwe yongeye kugamba adakoresheje imigani. ³⁵ Kugira ngo risohore ijamba ryavuzwe n'umuhanuzi ngo: nzabumbura akanwa kanje nkoresheje imigani, nzagamba amagambo g'ibanga kuva kuremwa kw'isi. ³⁶ Nuko asezerera iteraniro yinjira mu nzu, abigishwa be bamusangamo ³⁷ baramubaza ngo: Dusobanurire gwamugani g'urukungu mu murima. Arabasubiza: wawundi wateye imbuto nziza n'umwana w'abantu, ³⁸ umurima n'isi, imbuto nziza ni mwebwe abana b'Umwami, urukungu ni babana ba shetani batumvaga. ³⁹ Umwanzi ni shetani, niwe washizemo urukungu, naho gusarura n'umusi gw'imperuka; abasaruzi n'abamalaika. ⁴⁰ Nkuko urukungu barubohaga bakarujugunya mumuriro, niko bizaba kumusi gw'imperuka. ⁴¹ Umwana w'umuntu azatuma abamalaika baze batoragure ibibi byose bive mu bwami n'ababandi bakoraga ibibi. ⁴² Maze byose, bijugunye mumuriro gutazima. Iyo hazaba kurira no guhekenya amenyo. ⁴³ Naho abanyakuri bazaka nk'izuba mu bwami bwa Data wa twese. Ufite amatwi ngaho rero niyumve. ⁴⁴ Ubwami bwo mwijuru bugereranywaga n'izahabu yo bahisha mu murima, umuntu ayibonye ayihisha neza aragenda agurisha ibyo yarafite byose kugira ngo agure ugo murima. ⁴⁵ Tena ubwami bw'ijuru busana n'umucuruzi urigushaka imarigarita nziza . ⁴⁶ Amaze gusanga aho imarigarita nziza cane iri, yaragiye agurisha ibye byose kugira ngo abone ibyo yarari gushaka. ⁴⁷ Kandi ubwami bwo mwijuru bugereranywa n'ubutimba bwo bajugunye mungezi , bwuzuramo isamaki za buri bwoko. ⁴⁸ Bumaze kuzura, babukururira ku nkengeri bararondora isamaki nziza bazishira mu mbegeti, naho isamaki mbi barayijugunya. ⁴⁹ Uko niko bizaba ku musi w'imperuka : abamalaika bazatandukanya abanyabyaha n'abanyakuri. ⁵⁰ Abanyabyaha bazatabwa mu muriro gutazima, iyo hazaba kurira no guhekenya amenyo. ⁵¹ Ibyo maze kubabwira murabyumvishije? Baramusubiza ngo: turabyumvishije. ⁵² Arababwira: Umwanditsi w'umunyeshuri mwiza wo mu bwami bw'ijuru ameze nka nyiri inzu uzi ⁵³ gutandukanya ibintu bishasha nibya kera. Yesu arangije iyi migani yose ava aho hantu. ⁵⁴ Aja iwabo atangira kwigisha mumasinagoga, abantu baratangara no ku gamba

ngo: uyu muntu ubu bwenge n'imirimo byo arigukora abikuye he? Uyu si wa mwana w'umubaji? Nyina si Mariya? ⁵⁵Na bene nyina si Yakobo, Yosefu, Simoni na Yuda? ⁵⁶Na mashiki be si twirigwanaga nabo? None ubu bwenge abukuye he? ⁵⁷Batangira ku mwanga, ariko Yesu arababwira ngo: Umuhanuzi ntaho yemeregwaga mugihugo ce no munzu ye. ⁵⁸Kubera ko batagize kumwizera ntaho yakoze ibitangaza byinci.

14

¹Muri icyo gihe Umwami Herode yumva amakuru ga Yesu. ²Abaza umukozi we: Uyu ni Yohana umubatiza wazutse akaba afite imbaraga zo gukora ibitangaza bimeze guca? ³Kubera ko Herode yari yafunze Yohana muri Pirizo ari kuzira Herodia, muramukazi we warutunzwe na Filipo, amaze gupfa Herode aramutunga. ⁴Yohana yarari kuzira ko yabujije Herode gutunga muramukazi we w'umupfakazi. ⁵Herode ashaka kumwica atinya amaso ga bantu, kubera ko abantu bari bazi ko Yohana ari umuhanuzi. ⁶Ariko ku musu mukuru go kwibuka gupfa kwa Herode umukobwa wa Herodia achezwe neza imbere y'abantu na Herode arishima. ⁷Umwami ararahira ngo icyo arasaba cose arakimuhereze. ⁸Umwana w'umukobwa asaba nyina inama, nyina aramubwira ngo: Genda usabe umutwe gwa Yohana ku sahani. ⁹Umwami Herode ashaka kubabara, ariko kubera ko yarahiye mbere y'abantu bose, aremera ateguka ko bamuha icyo yasabye. ¹⁰Atuma abasoda baje guca umutwe gwa Yohana muri pirizo. ¹¹Umutwe gwe baguzana kusahani bahereza wa mukobwa nawe azanira nyina. ¹²Abigishwa ba Yohana baraza bafata icyo ntumbi baje guhamba nuko bangenda kubwira Yesu ibyabaye. ¹³Yesu abyumvishije aya mu bwato bwo yararimo yigira hakurya mu butayu, n'abantu babyumvishije bava hirya no hino bamusangaye. ¹⁴Yesu abonye abantu kangari barikumusanga, abagirira imbabazi maze akiza abarwayi babo. ¹⁵Bigeze nimugoroba abigishwa baramubwira ngo: Hano ho turi nimu butayu kandi reba burije, rekura abantu batahe baje gushaka ibyo kurya. ¹⁶Yesu arababwira: Ntaho bashakaga gutaha ariko mwebwe mubashakire ibiryo. ¹⁷Baramusubiza: Hano dufite imikati itanu, ni samaki ibiri gusa ntaco byamara. ¹⁸Arababwira ngo mubizane hano mubimpereze. ¹⁹Abwira abantu bose ngo bicare hasi. Afata imikati itanu n'isamaki ibiri arasenga abihanga umugisha, abwira abigishwa ngo bahereze abantu bose barye. ²⁰Bose bararya, barahanga ibyasigaye bwizura ibisobane icumi na bibiri. ²¹Abariye no guhanga bari bari abagabo ibihumbi bitanu tutabaze abagore n'abana. ²²Arangije, ateguka abigishwa be kwinjira mu bwato ngo bambuke bamusige kubera ko yarakiriye gusezera kuri iryo teraniro. ²³Amaze kubasezera, aratarama umusozi aya gusenga ageze n'imugoroba kandi yarari wenyine. ²⁴Nuko ubwato bugeze hagati yingingiye, izaruba iraza irabukubita kuko umuyaga gwari gubaturutse imbere. ²⁵Mumuseke karekare Yesu abasanga yo arikugenda hejuri yingingiye. ²⁶Abigishwa bamubonye arikugendera hejuru y'amazi baratinye cane bagira ngo n'igihindi, barabira hejuru y'ubwoba bwinci. ²⁷Ariko Yesu ako kanya arababwira ngo mwizere ko ari njewe mutatinye. ²⁸Nuko Petro aramubwira ngo: Niba koko ari weho mwami nyemerera nanje ngendere hejuru y'amazi ngusange. ²⁹Yesu aramusubiza ngo: Ngwino, Petro aya mu bwato agendera hejuru y'amazi arikwerekera aho Yesu yarari. ³⁰Ariko abonye izaruba, aratinye atangira gutebera mu mazi, arabira cane ngo: Yesu unkize. ³¹Ako kanya Yesu arambura ukuboko aramufata aramubwira ngo: Weho ufite ukwizera gukeya, kuberiki wagize gushidikanya? ³²Yesu yinjira mu bwato izaruba irahora haba amahoro. ³³Abari bari mu bwato babibonye barumirwa baragamba ngo: Nikoko uri umwana w'Imana. ³⁴Maze barambuka hakurya bagera mu gihugu c'iGenezareti. ³⁵Abantu baho bamenye ko ari Yesu batuma abaturage bo hirya no hino ngo bazane abarwayi babo. ³⁶Basaba Yesu ko bakora ku kimokora c'ikanzu ye, abantu bose bakoze ku kanzu ye, barakize ako kanya.

15

¹Nuko Abafarisayo n'abanditsi baturutse iYerusalemu bagedera Yesu baramubwira ngo: Kuberiki abigishwa bawe batari kubaha umuco gw'abasaza. ²Ntaho barigukaraba intoke mbere yo kurya. ³Arabasubiza ngo: Nukubera iki namwe mutubahirizaga amateguko g'Imana ahubwo mugashira imbere imico yanyu? ⁴Imana yagambye ngo: Wubahe so na nyoko, kandi uzatuka se cangwa nyina azapfe ako kanya. ⁵Ariko mwebwe mukagamba ngo buri muntu uza bwira se na nyina ngo: ibyo nagombaga kubafashisha bizava ku Mana. ⁶Uwo ntaho azaba yubashe se, ingeso na kamere zanyu byatumye ijamba ry'Imana rita agaciro. ⁷Mwebwe mwa ndyarya mwe, Isaya yahanuye kuri mwebwe ngo: ⁸Bano bantu banyubahaga ku kanywa gusa, ariko imitima yabo iri kure yanje. ⁹Berekana gako banyubashe, kandi barikwigisha ibijanye n'ingeso zabo. ¹⁰Nuko yakura iteraniro ryose, baramusanga arababwira: mwumve kandi musobanukirwe. ¹¹Ntabwo ar'ikintu cinjiraga mukanwa gihumanya, ariko ibisohokaga mukanwa nibyo byanduzaga, nibyo bibi. ¹²Nuko abigishwa be baraza baramubwira: Uzi yuko abafarisayo ba babajwe nabya bindi byo wagambye? ¹³Arabasubiza ngo: imbuto yose itara tewe na Data, azayikura. ¹⁴Mubareke abo n'abayobozi b'impumyi kandi impumyi iyoboye iyindi mpumyi zombi zigomba kugwa mu cobo. ¹⁵Petro arabasubiza: Nyabuneka dusobanurire ugo mugani. ¹⁶Ariko namwe kugeza nanubu ntaho mwari mwamenye icyo bigambye? ¹⁷Ntaho muzi yuko ikinyuze mukanwa kijaga munda kinyuze mu nzira yaco? ¹⁸Ariko ibintu byose bisohokaga mu kanwa biba biturutse mu mutima kandi bigaragazaga icyo umuntu arico bikamwanduza. ¹⁹Kubera mu mutima g'umuntu havagamo ibitekerezo bibi: ubwicanyi, ubusambanyi, kwifuza umugore ry'uwundi, ubujura, kubesha no kuzimura. ²⁰Ibi nibyo bitumaga umuntu aba mubi, ariko kurya udagarabye ndaho bihuriye n'ingeso zanyu. ²¹Yesu aya aho hantu yigira hakurya hafi ya Tiro na Sidoni. ²²Umugore wu munya kanani aturuka hakurya, arikwabira cane ngo: Mbabarire, nyagasani, mwene Daudi, umuhara wanjye yafashwe na madayimoni. ²³Ariko Yesu ntaco yamushubije, abigishwa be baraza baramuhendahenda ngo: Nyabuneka mu mubyire agende kubera arikutuyombera. ²⁴Yesu arabasubiza: Ntimuzi yuko natumwe gushakaga no gukiza intama zaheze za Israeli? ²⁵Nyuma, wamugore araza arapfukama imbere ya Yesu aragamba ngo: Nyabuneka umfashe. ²⁶Yesu aramusubiza: Ntaho ari byiza

gufata ibiryo by'abana bo murugo no kubiterera imbwa.²⁷Uwo aramusubiza ngo: Ndabyemeye nyagasani, ariko imbwa nazo zifite uburenganzira bwo gutoragura ibya menetse hasi y'ameza ga shebuja.²⁸Nuko Yesu aramusubiza ngo: Wamugore we, kwizera kwawe kurakomeye none bibe nkuko ushaka, ako kanya umuhara we arakira.²⁹Yesu avayo, agera ku nkengero y'ingezi y'iGalilaya atarama mu musozi y'icara yo.³⁰ Abantu kangari bamusangayo bajanye abarwayi babo, ibirema, ibipfa matwi, ibiragi, n'abarwayi akangari bu bwoko butandukanye babarambika kubirenge bye maze arabakiza bose.³¹ Abantu bose baratangara babonye ibirema bikize ibiragi birikugamba, ibipfa matwi birikumva, impumyi zirikureba maze barishima bahimbaza Imana ya Isiraeli.³²Yesu amaze kwakura abigishwa be, aragamba ngo: Mbabariye bano bantu bo tumaranye imisi itatu batari kurya no kunywa kandi ntaho ncaka ko bagenda gucu batagwa munzira bitewe n'inzara.³³Abigishwa be baramubaza ngo: Hano mu butayu turakura hehe imikati yo guhaza abantu akangari kose? ³⁴Yesu arababaza: Mufite imikati ingahe? baramusubiza: Dufite imikati irindwi n'udusamaki dukeya.³⁵Abwira abantu bose ngo bicare hasi.³⁶Afata imigati irindwi natwa dusamaki ashimira Imana ahereza abigishwa ngo bahereze buri muntu.³⁷Abantu bararya, barahaga, batoragura ibisigarizwa byuzura ibisobane birindwi.³⁸ Abantu bose bariye no guhaga bari bageze ku ibihumbi bine hatarimo abagore n'abana.³⁹Yemerera abantu bose ngo batahe iwabo, naho Yesu yinjira mu bwato yigira hakurya mu mipaka ya Magadani.

16

¹Abafarisayo n'Abasadukayo baza barikumugerageza ngo abereke ikimenyetso kivuye mw'ijuru.²Ariko Yesu arabasubiza ngo: Iyo bibaye nimugoroba mukabona ijuru ritukuye muragambaga ngo ejo hazaba umuco.³Iyo habaye mugitondo, mumenyaga ko haraba umuvumbi kubera ko ijuru ritukuye kandi harimo ibicu. Muzi kugenzura ijuru ni kirere ariko ntaho muzi kugenzura ibimenyetso byi igihe mugezemo.⁴Urubyarw rubi rwa basambanyi rushaka ibimenyetso ariko ntaho ruza bibona usibye ikimenyetso ca Yona, arabareka arigendera.⁵Abigishwa bagera hakurya bibagirwa kujana imikati,⁶Yesu arababwira, murebe neza mwirinde nimisemburo yab'Afarisayo n'Abasadukayo.⁷Batangira gusubiranamo no kubazanya ngo: Kuberiki basize imikati.⁸Yesu abimenye arababwira: Mwewe mufite kwizera gukeya kubera iki muri kuja impaka no kutumvikana ngo nuko mudafite imikati? Ntaho mwari mwamenya ntanubwo muri kwibuka imikati itanu na abantu ibihumbi bitatu? n'ibisobane bingahe byasagutse? ¹⁰Mwibagiwe imikati irindwi n'abantu ibihumbi bine? n'ibisobane bingahe byo mwashagushije? ¹¹Ntaho narindi kubabwira ibyerekeye imikati, ahubwo narindi kugamba ngo mwirinde n'imisemburo yab'Afarisayo n'Abasadukayo.¹²Nuko bamenya ko yari atari kubabwira ibitubura byo mu mikati ahubwo birinde amigisho mabi g'Abafarisayo n'Abasadukayo.¹³Nuko ubwo Yesu yararikuje mu bice bya Kaizaria yi Filipi, abaza abigishwa be ngo: Hano hanze abantu bagambaga ngo ndinde? ¹⁴Baramusubiza ngo: Bamwe bakwitaga Yohana umubatiza, abandi ngo uri Elia cangwa Yeremia, cangwa umwe bo mubahanuzi.¹⁵Arababaza: None si mwewe mugambaga ngo ndinde? ¹⁶Petro aramusubiza: weho uri Kristo Umwana w'Imana ihoraho.¹⁷Yesu aramusubiza: Hahirwa weho Simoni wa Yona kubera umubiri n'amaraso ntari byo biguhishuriye rino jambo ariko n'Imana data yo mw'ijuru.¹⁸Nanje ndakubwiye weho ni Petro, uri urutari kandi hejuru yu uryo rutare nzubakaho ikanisa ryanje, kandi n'imiryango y'ikuzimu ntaho izapima kuritenganya nagatoya.¹⁹Nzaguha, imfunguzo z'ubwami bwo mw'ijuru, icho uzafunga hano kwisi no mw'ijuru kizaba gifunzwe, nico uzafungura mwisi no mw'ijuru kizaba gifunguwe.²⁰Nuko abwira abigishwa be ngo : Batagira uwo babwira ko ari Kristo.²¹Guturuka ico gihe, Yesu atangira kwereka abigishwa be ko aringombwa kuja iYerusalem kubabazwa n'abatabyi hamwe n'abakarani no kumwica, ariko nyuma y'imisi itatu ko azazuka.²²Petro aramwegera no gutomboka ngo: Ibyo bikube kure mwami ntaho byoshoboka.²³Yesu arahindukira aramureba no kumubwira: Petro, genda inyuma yanje uri Shetani kandi uri ibuye ryo gusitaraho ntaho woshobora kumenya iby'Imana ico uzi n'amagambo g'abantu.²⁴Maze Yesu abwira abagishwa be ngo: Umuntu ushaka kunkurikira amanze kwiyaanga abone kunkurikira.²⁵Umuntu ushaka gukiza ubuzima bwe azabutakaza, ariko uzatakaza ubuzima bwe kubera njewe aza bubona.²⁶None si bimaze iki umuntu kubona ubukire bwo mwisi ariko agatakaza ubuzima bwe? cangwa umuntu yatanga iki ngo arengere ubuzima bwe?²⁷Kubera umwana w'umuntu azaza mu bwiza bwa Data wa twese n'abamalaika, nyuma azariha buri muntu akurikije ibyo yakozwe.²⁸Muby'ukuri ndababwiye benci muri mwewe muri hano ntaho muzapfa mutari mwabona uko Umwana w'umuntu ari kuza m'ubwami bwe.

17

¹Nyuma y'imisi itandatu Yesu afata Petro na Yakobo hamwe na Yohana,bose abajana hejuru y'umusozi mureyi.²Yesu ahinduka isura imbere yabo, isura ye yaka nk'izuba, imyenda ye irerereza nk'urubura.³Ako kanya Musa na Elia baragaragara bari kuganira na Yesu.⁴Petro abwira Yesu: Mwami nibyiza ko twese twibera hano, niba ubishaka twubake amahema atatu. Imwe yawe, indi ya Musa yagatatu niya Elia.⁵Akiri kugamba, igiho c'umweru kirabatwikira, ijwi rivamo riri kugamba ngo: uyu niwe mwana wanjwe wo kundaga kandi nishimiraga, mu mwunvire.⁶Abigishwa be babyumvishije bose bagwa igitumo baratinya cane.⁷Yesu araza abakoraho no kubabwira ngo : Muhaguruke mutatinya.⁸Begura amaso gabo babona Yesu ari wenyine gusa.⁹Bakirindimuka ugo musozi Yesu arabatega ngo: Mutagira uwo mwabwira ibyo mwabonye kugeza igiye c'Umwana w'umuntu azazuka avuye mubapfuye.¹⁰Abigishwa be baramubaza: kubera iki abakarani bagambaga ngo, ningobwa ko Elia azamanza kuza?¹¹Arabasubiza, n'ukuri Elia azaza kutunganya ibintu byose.¹²Ariko ndikubabwira ko Elia yamaze kuza ariko ntaho mwabimenye ahubwo bamukoreye bibi ibyobashakaga, na niko bazababaza Umwana w'Umuntu.¹³Nuko rero , abo bigishwa be batatu bamenya ko yarari kugamba ibyerekeye Yohana umubatiza.¹⁴Bamaze kwegera iteraniro ry'abantu, umuntu umwe araza arapfukama imbere ya Yesu aragamba ngo:

¹⁵Mwami, umbabarire umwana wanje ararwaye igicuri kandi arababaye cane, rimwe na rimwe agwaga no mumuriro cangwa no mumazi. ¹⁶Namuzanye kubigishwa bawe ntaho bamukijije. ¹⁷Yesu arasubiza ngo: Mwewe urubyarwo rutagiraga kwizera n'abapingayi nzabana namwe kugeza ryari? Nzakomeza kubihanganira kugeza giheki? mumuzane hano iwanje. ¹⁸Yesu yamagana ago mashetani, akokanya gava muriwa musore ahita akira. ¹⁹Abigishwa bagendera Yesu rwihishwa baramubaza: kubera iki twebwete tuta shoboye kugirukana? ²⁰Arabasubiza: kubera mufite kwizera guke, ndababwiye ukuri yuko iyaba mwari mufite kwizera kungana n'akabuto ka sinapi mwabwira umusozi ngo: Wa musozi we imuka uve hano uje hakurya kandi bikaba, kandi nta n'ijambo na rimwe ryonanirana kuri mwebwe niba mufite kwizera. ²¹Ariko ibi byose ntaho mwabishobora mutari gusenga no kwiyiriza ubusa. ²²Muri icyo gihe co baribari muri Galilaya Yesu arababwira Umwana w'umuntu agiye gushirwa mu maboko y'abanzi. ²³Nabo bazamwica ariko nyuma y'imisi itatu azazuka, abigishwa barababara cane. ²⁴Baragenda bagera Ikapernaumu, abasoresha begera Petro bara mubwira ngo: Umwarimu wanyu ntaho arihaga umusoro nagake? ²⁵Arasubiza, ararihaga, binjiye munzu Yesu atangira kubabwira ngo: Simoni urigutekereza iki? abami b'iyisi bavanaga he imisiro cangwa amaturo? niku abana babo gusa cangwa no kubashitsi? ²⁶Petro arasubiza: Nikubashitsi. Yesu aramubwira, nuko rero abana bo bafite ubuhuru. ²⁷Ariko twe kubabera ikigusha, genda hariya ku ngezi urobe uzane isamaki irafatwa ubwa mbere ufungure akanwa kayo uravanamo amakuta, ugende uturihire twese imisiro.

18

¹Ako kanya, abigishwa bagendera Yesu baramubaza: Ninde mukuru mu bwami bwo mw'ijuru? ²Yakura umwana mutoya amushira hagati yabo arababwira: ³N'ukuri ndababwira mwewe nimudahinduka no kuba nk'abana batoya ntaho muzinjira mu bwami bwo mw'ijuru nagato. ⁴Umuntu uz'icisha bugufi ng'umwana mutoya niwe uzaba mukuru mu bwami bwo mw'ijuru. ⁵Kandi umuntu uzakira no kwita ku mwana mutoya muzina ryanje azaba ari njewe yakiriye. ⁶Umuntu wese uzatuma abana banje banyizeye bacumura, azafatwa azirikwe urusyo muzosi atabwe mu ngezi. ⁷Isi iza bona ishano, n'ibisitaza biyirimo kandi ningobwako ibisitaza byaza ariko ubizana azabona ishano. ⁸Niba akaguru kawe cangwa ukuboko bishaka kukugusha, ubice no kubita kure, ni byiza ko umuntu yokwinjira mw'ijuru ar'ikirema aho kugira ngo atabwe mu muriro gutazima afite amaguru gombi n'amaboko gombi. ⁹Ijisho ryawe niritume ukora icaha, uzarivanemo no kurita kure yawe kubera nibyiza kwinjira mw'ijuru n'ijisho rimwe ahokugira ngo mwinjire muri Gihonoma n'amaso abiri. ¹⁰Mwirinde ntumugasuzugure umwe muri bano bana batoya, kuko nababwiye ngo abamalaika babo mw'ijuru bahoraga bari imbere ya Data wo mw'ijuru. ¹¹Mumenye ko Umwana w'umuntu yaje gucyungura icari carazimiye. ¹²Mwewe murikubitekerezaho iki? Niba umuntu afite intama ijana, imwe igahera mbesi ntaho yosiga zazindi mirongo icenda n'icenda akaja kushaka yayindi imwe yazimiye? ¹³Amaze kuyibona, mbabwiye ukuri ko agomba kuyishimira cane kuruta zazindi mirongo icenda n'icenda zitari zazimiye. ¹⁴Niko bimeze ntaho Data wo mw'ijuru yokwishima abonye umwe muri bano batoya atakaye. ¹⁵Niba mwene so akoze icaha, genda umuhane mwembi gusa, niyemera akakumva, uzaba ubonye mwene so. ¹⁶Ariko niyanga, uzafate uwundi muntu mumugendere kugira ngo bizakubere ubuhamya, kuko ijambo ry'abantu babiri cangwa batatu rihabwaga agaciro. ¹⁷Naho niyanga kubumvira, ugende ubwire ikanisa, nakomeza kwanga azatabwe hanze, kandi mumubare nk'umupagani cangwa ukoreshe w'ikoro. ¹⁸Nukuri ndababwiye, ibintu muzafunga kwisi no mw'ijuru bizaba bifunzwe, kandi byose muzafungura kwisi no mw'ijuru bizafungurwa. ¹⁹Kandi ndababwiye: abantu babiri nibajya inama ikintu chose bazasaba Data wo mw'ijuru azakibahereza. ²⁰Kubera ko aho abantu babiri cangwa batatu bazaterana kubw'izina ryanje nanje nzaba ndihamwe nabo. ²¹Nyuma Petro aramugendera no kumubwira Mwami, mwene data nankosereza nzamubabarira kangahe? kugeza kuri karindwi. ²²Yesu aramubwira: ntahonkubwiye karindwi gusa, ahubwo mirongo irindwi gukuba karindwi. ²³Kubwibyo, Ubwami bwo mw'ijuru bugeranywa n'Umwami washakaga gukora imibare n'abakozi be. ²⁴Igihe co yaratangiye kubara, bazana umwe wari afite ideni rye ry'italanta bihumbi icumu. ²⁵Abuze icyo kuriha shebuja ateguka ko agomba kuba imbata n'abana be hamwe n'umugore we n'ibye byose kugira ngo ideni ribone gushira. ²⁶Ariko uwo mukozi, arapfukama hasi atangira kumuramya no gusaba imbabazi amwihanganire azariha buhorobuhoro. ²⁷Uwo shebuja amugirira imbabazi baramufungura amubabarira iryo deni ryose aramusonera. ²⁸Uwo mukozi aragenda ahura n'umuntu umufitiye ideni ry'indinari ijana, aramusimbukira no kumuniga ngo: undihe cangwa nkunogonore. ²⁹Wamunye deni arapfukama aramwinginga ngo: umbabarire unyihanganire nzakuriha buhorobuhoro. ³⁰Ariko we aranga aramufata amujana mu prizo kugeza igihe co azarihira. ³¹Nuko abandi bakozi baribazi ibyabaye barababara baja kubwira shebuja wabo wambere. ³²Shebuja aramwakura aramubwira: Weho uri umukozi mubi, wasabye ko no kubabarira ideni ry' ibihumbi icumi nkugirira imbabari. ³³Nawe wagombaga kubabarira idinari ijana kubera iki utagize imbabazi nkizo nakugiriye? ³⁴Shebuja ararakara cane aramutanga ngo bamukubite kugeza igihe co arariha by'abihumbi icumi. ³⁵Uko niko Data wo mw'ijuru azabagira niba mudashaka kubabarirana mwebwe kuri mwewe bivuye mu mitima yanyu.

19

¹Mugihe co Yesu yarangije aga magambo ava iGalilaya agera mu mipaka ya Yudea hakurya ya Yorodani. ²Abantu akangari baramukurikira abakiza indwara zabo. ³Nuko Abafarisayo baraza bamugerageza mu magambo ngo: Mbesi birakwiriye ko umuntu yotana n'umugore kubwo impamvu yari yo yose? ⁴Arabasubiza ngo: Ntaho mwasomye ko mbere na mbere Imana yaremeye Umugabo n'umugore? ⁵Aragamba ngo: Kubera ibyo umugabo azasiga se na nyina azabana n'umugore we nabo bazaba umubiri gumwe. ⁶Ntaho bazaba bakiri babiri ahubwo umubiri gumwe, rero icyo Imana yahujije ntihakagire

umuntu wo kugitandukanya .⁷Baramubwira ngo: None kubera iki Musa yemeraga ko umugabo yakwandika ibaruwa yo kwirukana na gutandukana n'umugore? ⁸ Kubera imitima yanyu mibi nico catumye Musa abemerera kw'irukana abagore banyu ariko mbere yaho ntaho byabaga. ⁹Ndababwiye ukuri umuntu wese uzirukana umugore we usibye kubera icaha ko gusambaba, agasohozza azaba ari umusambanyi kandi uzasohozza wa mugore wirukanywe azaba nawe arigusambana. ¹⁰Abigishwa be baramubwira: Niba ibyabagabo n'abagore ariko bimeze ntaho aringombwa gusohozza. ¹¹Yesu arasubiza: Ntaho ari burimuntu woshobora kwakira aga magambo usibye babandi bakiriye ijambo. ¹²Kubera ko harihobamwe bavutse ari inkone, n'abandi baba inkone babitewe n'abandi, ariko hariho abandi bashatse kwigira inkone kubera umurimo w'Ubwami bw'ijuru . Ufite ushobora kumva agamagambo agakurikize. ¹³Maze bazana abana kugira ngo : Abarambikeho ibiganza no kubasengera. Abigishwa be barabamagana . ¹⁴Ariko Yesu abibonye aragamba ngo: Mureke abana batoya baze iwanje mutekubabuza kubera Ubwami bw'ijuru ni ubwabo. ¹⁵Abarambikeho ibiganza, nuko ava iyo. ¹⁶Maze umuntu umwe araza abwira Yesu: Mwalimu mwiza, nigiki ciza conokora, kugira ngo mbone ubuzima bw'iteka? ¹⁷Aramusubiza: kubera iki urikunyita Mwiza? hariho umwiza n'umwe gusa, ariko niba ushaka kubana n'Imana iteka, witondere amategeko. ¹⁸Aramubaza: Agahe amategeko? Yesu aramubwira : Ntukice, ntugasambane, ntukibe, ntugashinje ibinyoma. ¹⁹Wubahe so na nyoko kandi ukunde mugenzi wawe nkuko wikunda. ²⁰Uwo musore aramubwira: Ibyo byose ndabikurizaga ikindi ncigaje n'ikihe? ²¹Yesu aramubwira ngo: Niba ushaka kuba intungane, genda ugurishe ibyawe byose ubigabire abakene nawe uzaba ufite ubukire mw'ijuru hanyuma, uze unkurikire. ²²Uwo musore yumvishije ibyo Yesu agambye ararakara arigendera kubera ko yari afite ubukire bwinci. ²³Yesu abwira abigishwa be: mukuri ndababwiye, birakomeye umukire kwinjira mw'ijuru. ²⁴Kandi nongeye kubabwira, biroroshe kugira ngo ingamiya yinjire mu gapfumure k'isindani kuruta ko umukire yokwinjira mu Bwami bwo mw'ijuru. ²⁵Abigishwa be bamaze kubyumva baratangara cane, barabaza ngo mbese none ni inde ushobora gukizwa? ²⁶Yesu arabitegereza arababwira ngo: kubwenge bw'abantu ntaho bishoboka ariko ku Mana byose birashoboka . ²⁷Nuko Petro arasubiza aramubwira ngo: None twewe ko twasize ibyacu byose tukagukurikira tuzabona iki? ²⁸Yesu arababwira: Mubyukuri mwewe mwankurikiye mugihe co guhindura byose ngo bibe bisha ubwo umwana w'umuntu azicara ku intebe y'ubwiza bwe, namwe muzicara kuri za intebe icumu n'ibiri murigucira imanza ubwoko icumi na bubiri bw'abisiraeli. ²⁹Kandi buri muntu wese uzasiga inzuye na benenyina na se na nyina na abana cangwa imirima kubera njewe azahembwa kari ijana kandi azabona ubuzima bw'iteka. ³⁰ Ariko benci bagaragaraga ko araba mbere bazaba abanyuma naba garagaraga ko ari abanyuma bazaba abambere.

20

¹Kuberako ubwami bw'ijuru busana n'umuntu nyirinzu wabyutse karekare mugitondo gushaka abakozi bo mu murima gwe gw'imizabibu. ²Aganira nabo kuhembwa idinari imwe ku mubyizi, abatuma mu murima bajaguhinga . ³Aragenda tena ari saa tatu abona abantu bahagaze mu soko ntaco barigukora. ⁴Arababwira ngo: Namwe muje guhinnga ndabaha umushahara gwanyu, nabo baja mu murima gwe gw'imizabibu. ⁵Aragenda kandi, saa sita na saa kenda afata abandi bakazi nabo arabatuma kuja guhinga. ⁶Yongerera kwigendagiza saa kumi nimwe abona abandi bahagaze, arababaza: Kubera iki muhagaze hano, ntaco muri gukora umusi gose? ⁷Baramubwira ngo: Ntamuntu wo twabonye wo kuduha akazi. Arababwira: Namwe mugende muje guhinga umurima gw'imizabibu. ⁸Bigeze n'imugoroba nyir'umurima yakura kapita ngo ahamagare abakozi bese abahereze umushahara gwabo ahereye kubantu ba nyuma arangirize kubambere. ⁹Babandi batangiye saa kumi nimwe baraza bahembwa buri muntu idinari imwe. ¹⁰Abantangiye mugitondo nabo baraza bagira ngo barahembwa kuruta abandi ariko nabo bahembwa idinari imwe. ¹¹Bamaze kuzifata bararakara cane, baritotomba. ¹²Baragamba ngo, bariya bakoze isaa imwe gusa none ubanganyije natwe twakoze umusi gose izuba riri kudutwika? ¹³Nyirumurima arabasubiza, abwira umwe muri bo: Nshuti yanje ntaho ngukoreye nabi kubera ko twapatanye idinari imwe. ¹⁴Fata umushahara gwawe wigendere, kuko ni njewe kubushake washatse guhemba uwanyuma nu wambere nkawe. ¹⁵Mbese si mfite uburenganzira bwo gukoresha ibyanje nkuko nshaka? cangwa urebye nabi kubera ubwiza bwanje? ¹⁶Niko bizaba, abanyuma bazaba abambere n'abambere bazaba abanyuma. ¹⁷Mugihe co Yesu yarari gutarama kuja iYerusalemu afata abigishwa be cumi na babiri gusa, bari munzira arababwira ngo: ¹⁸Reba rero turataramanye tugiye iYerusalemu ariko umwana w'umuntu aza shirwa mu maboko g'abatambyi bakuru n'a bakarani nabo bazamucira urubanza rwo gupfa. ¹⁹Bazamushira mu maboko gabanya mahanga bamushinyagurire no kumukubita , bamubambe nyuma y'imisi itatu azazuka. ²⁰Nuko nyina wa bene Zebedayo aza kwa Yesu n'abana be arapfukama aramuramya amusaba ijambo rimwe. ²¹Aramubwira, ushaka iki? arasubiza: Nyemerere ababana banje babiri bichare umwe iburyo bwawe n'undi ugutandi kwawe mu bwami bwawe. ²²Ariko Yesu aramusubiza ngo : Ntaho muzi ico muri gusaba . Mbese mwashobora kunywa igikobe co ngiye kuzanywa? Barasubiza ngo: Two shobora. ²³Yesu arababwira, nikoko igikombe mwashobora kukinywa, ariko ibyo kwicara iburyo cangwa igutandi, nta tegeko mbifite ho, ibyo bizahabwa babandi bo Data yarondoye kuva kera. ²⁴Abandi icumi babyumvishije bararakara cane barakariye babandi babiri bibyene nyina. ²⁵Ariko Yesu arabakura arababwira : Muzi ko abategetsi biy'isi bategeka n'igitugu ku ngufu kandi aba shefu babo bakabakoresha cane. ²⁶Ariko ntaho ariko bizaba kuri mwewe: Ushaka kuba mukuru hagati yanyu azabe umukozi wanyu. ²⁷Uzashaka kuba uwambere muri mwewe azaba umugaragu wanyu. ²⁸Nkuko umwana w'umuntu ataje ngo : Abantu bamukorere, ahubwo gukorera abandi no gutanga ubuzima bwe ngo hube agakiza k'abantu kangari . ²⁹Bari kuva iYeriko abantu kangari baramukurikira . ³⁰ Hari hariho impumyi ibiri z'icaye hafi y'inzira, zumvishe ko Yesu ari gutambuka zirabira cane ngo: Mwami! utubabarire weho mwana wa Daudi. ³¹ Abantu barazibuza ngo zihore, ariko zo

zikomeza kwabira cane ziri kugamba ngo: Yewe mwana wa Daudi utubabarire.³² Yesu arahagarara, arazakura, arazibaza: Mushaka ngo mbakorere iki? ³³Ziramusubiza: Mwami dushaka amaso yacu garebe. ³⁴Yesu arazibabarira, akora kumaso gazo akokanya garareba nuko baramukurikira.

21

¹Mu gihe co bari begereye i Yerusalemu, bagera i Betifage aherekeye ku gasozi k'i Mizeituni, Yesu atuma abigishwa babiri, ²Arikubabwira ngo : Mugende m'urushisiro ruri imbere yanyu, murasanga yo ipunda iziritswe hamwe n'icana cayo muyiziture muyinzanire. ³Nihagira umuntu ugira ico ababaza mumusubize ngo : Umwami arayikeneye. Muri ako kanya arabareka mugende.⁴Ibyo byabaye kugira ngo hasohore ibyagambwe n'umuhanuzi ngo : ⁵"Mubwire umuhara w'i Siyoni ngo : "Dore umwami wawe aje i wawe, yuzuye ubwitonzi kandi ahetswe n'ipunda, n'icana cayo.⁶ Abigishwa baragenda bakora nkuko Yesu yabibategetse. ⁷Bazana ipunda n'icana cayo, bayirambura ho imyenda yabo; yicara hejuru yayo . ⁸Bamwe mu bantu benshi bari aho ngaho basasa imyenda yabo mu nzira; abandi baca amatabi g'ibiti no kugasasa mu nzira. ⁹Abari imbere n'abari bakurikiye Yesu barabiraga bari kugamba ngo : Hozana mwana wa Daudi ! Gira imigisha weho uje mw'izina ry'Umwami ! Hozana ahasumba hose. ¹⁰Mu igihe yinjiraga muri iYerusalemu umugi gose gurahungabana baragamba ngo : Uyu ninde ? ¹¹Abantu kangari barasubiza ngo : Uyu n'umuhanuzi Yesu w'i Nazareti y'i Galilaya . ¹²Yesu yinjira mu nzu y'Imana. Yirukana abantu bose bagurishirizaga no kugurira mu nzu y'Imana; abirindura ameza z'abavunjayi b'amafaranga, n'intebe z'abagurishaga inuma. ¹³Nuko arababwira ngo : Byanditswe ngo : Inzu yanje izitwa inzu y'amasengesho ". Ariko mwewe mwayihinduye ubuvumo bw'abasambo. ¹⁴Impumyi n'ibirema baramwegera ari mu nzu y'Imana. Nuko arabakiza . ¹⁵Ariko b'abatambyi bakuru n'abakarani barababara babonye ibitangaza byo yakoze n'abana bari barikwabirira mu nzu y'Imana ngo : Hozana mwana wa Daudi ! ¹⁶Baramubwira ngo : Mbese nturikumva ibyo barikugamba ? Yesu arabasubiza ngo : Ingo. Ntaho mwigeze gusoma aga magambo : " Kuva mu kanwa kabana bato n'abonkaga nimwo wakuye amashimwe " ? ¹⁷Arabareka aja hanze y'umugi kugeza i Betaniya ararayo . ¹⁸Nuko mu gitondo agarutse mu mugiri agira inzara . ¹⁹Arebye igiti c'umutini ku nzira aracegera, ariko nta kintu yabonye kuri ico igiti usibye amababi gusa; arakibwira ngo : Ntihakagire itunda rizongera kukweraho ! Muri ako kanya umutini guruma. ²¹Yesu arabasubiza ngo : Nukuri ndababwira, iyaba mwari mufite kwizera kandi ntimugire gushidikanya ntaho muzakora gusa ibikozwe kuri ugu mutini, ahubwo nimuzabwira ugu musozi ngo : Vaho ngaho wijugunye mu ngezi, ibyo bizaba . ²²Ibyo muzasaba byose mu masengesho, muzabihabwa . ²³Yesu aja mu nzu y'Imana, noneho mugihe yari arikwigisha , abatambyi bakuru n'abakuru b'abantu baza kumubwira ngo : Ni k'ubuho bubasha ukora ibyo bintu kandi ninde wabuguhaye ? ²⁴Yesu arabasubiza ngo : Nanje ndababaza ikibazo kimwe, kandi nimukinsubiza ndababwira ni kubushobozi ki nkora bino bintu. ²⁵Umubatizo gwa Yohana gwavuyehe ? Gwavuye mwijuru cangwa ku bantu ? Bariburanya mu mitima yabo barikugamba ngo : Nidusubiza ngo : Mwijuru, aratubwira ngo : Kubera iki mutamwizeye ? ²⁶Kandi nidusubiza ngo : ku bantu turatinya abantu kubera ko bose babona Yohana nk'umuhanuzi. ²⁷Maze basubiza Yesu : ngo : Ntaho tubizi. Nawe arababwira ngo : nanje nuko ntaho ndababwira aho nkura ubushobozi bwo gukora ibi bintu. ²⁸Ariko muri gutekereza iki ? Umuntu umwe yari afite abana babiri abwira uwambere ngo : Mwana wanjye genda ukorere uruzabibu rwanje. ²⁹Arasubiza ngo : Sinshaka. Nyuma yaho, arihana aragenda . ³⁰Abwira uwakabiri guco. Nuko uwo mwana arasubiza ngo ndagiye Mwami, ariko atajayo. ³¹Ninde murabo babiri wakoze gushaka kwa Se ? Barasubiza ngo : Uwambere. Nuko Yesu arababwira ngo : Ndababwira mu kuri: Abasoresha n'abambaraga bazabatanga mu bwami bw'Imana. ³²Kubera ko Yohana yaje iwanyu mu nzira yo gukiranuka namwe ntimwamwizeye. Ariko abasoresha n'abambaraga baramwizeye : Ariko mwewe mwabonye ibyo ntaho mwihannye ngo mwizere . ³³Mwumve ugundi mugani : Hariho umuntu nyirurugo warateye uruzabibu. Arukikiza uruzitiro, acukuramo icobo co gukamiramo, yubaka mo umunara; arukondesha abahinzi aja mu kindi gihugu . ³⁴Igihe co gusarura kigeze, atuma abakozi be kuri ba bahinzi kugira ngo abone umusaruro w'uruzabibu rwe . ³⁵Ba bahinzi bafata za ntumwa, bakubita umwe n'undi baramwica uwa gatatu bamutera amabuye . ³⁶Yongera gutuma abandi bakozi, umubare gusumba ugwambere ba bahinzi babagenza nk'abambere. ³⁷Ariko nyuma yaho abatumira umwana we arikugamba ngo : Bazubaha umwana wanjye . ³⁸Ariko ba bahinzi babonye uwo mwana baja inama ngo : Uyu niwe muragwa muze tumwice twifatire ugu murage gwe . ³⁹Baramufata bamuterera hanze y'uruzabibu baramwica. ⁴⁰None si igihe nyiruruzabibu azazira abo bahinzi azabagenza gute ? ⁴¹Baramusubiza ngo : Azabarimbura bikabije abo bagome, azakondesha urwo ruzabibu abandi bahinzi bazamuha umusaruro igihe cago. Yesu arababwira : Ntaho mwasomye mu byanditswe ngo : Ibuye abubatsi banze niryo ryabaye iryo gukomeza imfuruka. Ir'ijambo rivuye ku mwami ni igitangaza ku maso gacu ? ⁴³Niyo mpamvu mbabwiye ko, ubwami bw'Imana buzakurwa muri mwe, bugahabwa ubundi bwoko buzatanga umusaruro. ⁴⁴Uzagwa kuri iryo buye azavunagurika , Kandi uwo rizagwaho azashenjagurika. ⁴⁵Bamaze kumva iyo migani, abatambyi bakuru n'abafarisayo bamenya yuko ari bo yagambye. ⁴⁶Bashaka kumufata ariko batinya abantu kangari kubera ko bameraga ko ari umuhanuzi .

22

¹Yesu arabasubiza, yongera kubacira umugani ngo: ²Ubwami bw'ijuru busana n'umwami umwe washatse gukorera umwana we ubukwe. ³Atuma abakozi baje kwakira abantu bararitswe, ariko bose banga kuza. ⁴Yongera atuma bandi ngo baje kubakura bababwirire: Reba namaze kwitegura, n'abaze inkya yanje ibiryo n'ibindi byose biri tayari none muze mubukwe. ⁵Baramuseka, barigendera buri muntu mu mukazi ke, abandi bigira gucuriza. ⁶Abataragize iyo baja, bafata ba

bakozi barabahonda no kubica.⁷ Nuko wa mwami ararakara cane, atuma abasoda be bica babagizi ba nabi no kurimbura urusisiro rwabo rwose.⁸ Maze abwira abagaragu be: reba ubukwe burageze ariko abo twatumye bese banze kuza ntaho bakwiriye.⁹ None rero mugende mumabarabara manini n'amatoya abo murabona bese baze mubukwe.¹⁰ Abo bagaragu baragenda baja mumayira manini barundarunda abantu bese bo babonye, ababi n'abeza, ubukwe bwuzura abashitsi.¹¹ Igihe cu Mwami yinjiriye munzu kureba no kuramutsa abashitsi, abona umuntu mwe udafite umwenda gu bukwe.¹² Aramubwira: weho winjiye gute hano? ntamwenda gu bukwe ufite? Abura ico agamba.¹³ Nuko Umwami ateguka abagaragu be ngo: Bamufate bamuzirike amaboko n'amaguru no kumujugunya mu mwijima hanze, kuko hazabayo kurira no guhekenya amenyo.¹⁴ Kubera ko abahamagawe ni benci ariko abarobanuwe ni bake.¹⁵ Nuko abafarisayo baragenda gukora inama ukobashobora gutega Yesu mu magambo ge.¹⁶ Batuma abantu babo hamwe na ba Herode bagamba ngo: Mwarimu, tuzi neza ko weho uri muntu w'ukuri kandi wigishaga inzira y'Imana y'ukuri kandi ntutinyaga abantu ntanubwo urebaga ubwiza bw'umuntu.¹⁷ None tubwire, urigutekerez'iki? ningombwa kuriha imisoro ya Kaizari cangwa oya?¹⁸ Yesu amaze kumenya ububi bwabo arabasubiza: kubera iki muri gushaka kungerageza mwa ndimanganya mwe.¹⁹ Munyereke igiceri c'umusoro, bamuzanira idinari.²⁰ Arababwira iyi ni sura yande? N'ikimenyetso cande?²¹ Baramusubiza ngo: Niya Kaizari. Nuko rero: Ibya Kaizari mubihereze Kaizari n'iby'Imana mubihereze Imana.²² Bamaze kubyumva baratangara baramusiga barigendera.²³ icyo gihe Abasadukayo bavugaga ko nta muzuko gubagaho baza iwe baramubaza: ²⁴Mwalimu, Musa yaragambye ngo umuntu abaye apfuye nta abana afite, mwene nyina azasohozu umugore we kugira ngo amubayeho abana .²⁵ None twari dufite ibyene nyina biridwi, uwambere arasohozu arapfa atari ya byara, umugore we amusigira mwene nyina.²⁶ Gucoguko amusigira uwagatatu kukez'ubwo uwakaridwi nawe yamutunze ho.²⁷ Nyuma ya bese umugore nawe arapfa. ²⁸None igihe c'umuzuko, uwo mugore azaba uwande? kubera ko bese bamutunze ho.²⁹ Ariko Yesu arasubiza ngo: Mukoze amakosa kubera ko ntaho muzi ibyanditswe, nda nubwo muzi ubushobozi bw'Imana.³⁰ Mumenye ko igihe co kuzuka nta gusohozu cangwa gusohozwa kubera tuzaba tumeze nga bamalaika mw'ijuru.³¹ Kandi mu byerekeye kuzuka kw'abapfuye ntaho mwa bwiwe n'Imana ko: ³²Njewe nd'Imana ya Aburahamu, Imana ya Isaka ndetse Imana ya Yakobo; ndabwo nd'Imana ya bapfu ariko nd'Imana yabari guhumeka.³³ Abantu bamaze kuby'umva, baratangara kubwo amigisho ge.³⁴ Ariko Abafarisayo bumvishe ko yafunze akanwa k'Abasadukayo baraza bateranira kuri Yesu.³⁵ Umwe muri bo, wo munyamategeko aramubaza arikumugerageza: ³⁶Mwalimu, mu mategeko gose nirihe tegeko rikuru?³⁷ Aramusubiza ngo: ukunde Umwami Imana yawe n'umutima gwawe gwose n'ubwenge bwawe bwose.³⁸ Iryo niryoye tegeko rikuru kandi rya mbere.³⁹ Niryakabiri risana niryoye rya mbere naryo niri: Ukunde mugenzi wawe nkuko wikunda.⁴⁰ Agamategeko gombi gakubiyemo amategeko n'ubuhanga muzi.⁴¹ Abafarisayo bamaze guterana hamwe, Yesu nawe arababaza.⁴² Mutekerez'iki kubyerekeye Kristo? N'umwana wa nde? Baramusubiza ngo n'umwana wa Daudi.⁴³ Arababwira: None ni gute Daudi muby'umwuka amwita Mwami arikugamba ngo: ⁴⁴Mwami yabwiye umwami wanjye : wicare m'ukuboko kwanje kw'uburyo kugeza igihe co nzashira abanzi bawe musi yamaguru gawe.⁴⁵ None Daudi niba ariguhamagara Umwami, abaye umwana w'Umwami gute? ⁴⁶Ntamuntu numwe wamushubije ijamba na rimwe kuva icho gihe ntanumwe wongeye kumubaza ijamba.

23

¹Nuko Yesu abwira iteraniryo hamwe n'abigishwa be,²Aragamba: Abakarani n'abafarisayo bicaye muntebe ya Musa.³ Amagambo gose bababwiraga gukora mugumve kandi mugashire mubikorwa ariko mutakora ngabari kwikiza kubera ko hariho abagambaga ntibabishire mubikorwa, ibyo bagambye.⁴ Nibyo , muzi gukorera abandi imitwari iremereye yo mutashobora kwikorera. ⁵Kandi ibyo mukoraga mubamushaka ngo babarebwe no gushimwa n'abantu nik aratasi bambaraga zandistwe ho amagambo g'Imana bazigiraga nini bakongera ibimokora by'ikanzu zabo .⁶Bakundaga kwicara kuntembe zi mbere igihe c'ubukwe no kwigaragaza muma sinagogi. ⁷Bakunda kuramutswa mu masoko no gushaka ko babita ngo: Rabi.⁸ Ariko mwebwe ndibabite ba Rabi kubera umwalimu wanyu n'umwe, namwe muri abavandimwe.⁹ Kandi ntumukite umuntu n'umwe ngo Data kuko Data n'umwe wo mwijuru. ¹⁰Mwe kwitwa mwalimu kubera umwalimu wanyu n'umwe ariwe Kristo.¹¹ Ugaragara ko nimukuru muri mwe azabe umugaragu wanyu. ¹²Ushaka kwishira hejura azashirwa hasi n'uzicisha bugufi azashirwa hejuru.¹³ Ariko muzabona ishano Abafarisayo n'Abakarani mwa ndyarya mwe kubera ko muzitiraga abantu kwinjira mu bwami bw'ijuru namwe ubwanyu ntaho mushaka kubwinjiramo nabashaka kwinjira mo murababuza. ¹⁴Muzabona ishano, Abakarani n'Abafarisayo mwa ndyarya mwe kubera muryaga amazu g'abapfakazi, no muburyarya mugasenga amasengesho maremare, kubera ibyo, muzacirwaho urubanza rukomeye.¹⁵ Muzabona ishano mwa ndyarya mwe Abakarani n'Abafarisayo, mufataga ingezi muka ihuza n'isi, ariko nyuma mukabigira Gihonomo kurusha uko mumeze.¹⁶ Muzabona ishano mwewe abayobozi b'impumyi mugambaga ngo uzarahirisha inzu y'Imana ntaco bitwaye ariko uzarahirishisha izahabu murusengero azaba afunzwe niyo ndahiro. ¹⁷Mwa bipfapfa mwe bimpumyi niki gikuru hagati y'izahabu ni nzu y'Imana?¹⁸ Mbesi umuntu urahiye kuri rutari ntaco amaze, ariko isadaka isengewe kuri rutari iba ifunzwe niryoye sengesho. ¹⁹Mwa mpumyi mwe nikihe gikuru hagati y'isadaka na rutari itangiweho isadaka.²⁰ Nuko rero urahiriye kuri rutari aba arahiye rutari n'ibiyiraho byose. ²¹Kandi urahiriye inzu y'Imana aba arahiriye nibirimo byose.²² Urahiriye ijuru aba arahiye imbere y'intebe y'Ubwami bw'ijuri n'uyicayeho.²³ Muzabona ishano mwewe abakarani n'abafarisayo bi ndyarya mutanga kimwe ca cumi ci bintu byo kuryosha ibiryo ariko mukirengagiza amategeko, urubanza, imbabazi no kwizera, ningombwa byose kubimenya ntaco musuzuguye. ²⁴Mwewe abayobozi b'impumyi mwica izazi ariko mukamira bunguri ingamia.²⁵ Mwa ndyarya mwe z'Abakarani n'Abafarisayo mufite ishano, mwozaga hanze y'ikopo n'isahani ariko mwujemo ibintu bihwanye no

kwifuza kwanyu.²⁶Weho mufarisayo w'impumyi manza woze mu kopo no musahani ubone koza inyuma.²⁷Mufite ishano mwe Abakarani n'Abafarisayo bi ndyarya kubera musana na makaburi gasizwe icoka gagasana neza inyuma ariko ndani ar'amagufa g'abapfu guzuye umwanda.²⁸Namwe hanze mugaragara ngabanya kuri n'imbere yabantu ariko muri mwewe mwuzuye uburyarya n'ibibi byose.²⁹Mwa ndyarya mwe Abakarani n'Abafarisayo muzabona ishano, mwigaga no kubaka amakaburi g'abahanuzi, abanya kuri mukabahamba.³⁰Mukagamba ngo: Yabaye twarahoze ho kubwa ba sogokuru aho tuba twara komeranye n'abahanuzi.³¹Ubwo rero mwiye merewe yuko mur'abana ba babandi bishe abahanuzi.³²Ngaho rero mwuzuze igipimo ca basogokuru banyu.³³Mwewe muri nzoka ,abana b'ibiyoka binini , muzasimbuka gute urubanza rwa Gihonomo.³⁴None rero ngiye kubatumira abahanuzi n'abantu bafite ubwenge n'abanditsi kandi benci muri bo bazabica no kubabamba, abandi muri bo bazabakubitira kukarubanda no kubirukana mu migi yanyu.³⁵Kugirango amaraso gose gamenetse kuva kuntangiro y'isi gazababarweho: Kuva ku maraso ga Abeli umunyakuri n'amaraso ga Zakaria, umwana wa Barakiya uwo mwiciye kuri rutari ahantu hera.³⁶Mbabwije ukuri, agamagambo gose gazaza gasohore ku rubyaro rwanyu rwose.³⁷Ee Yerusalema, Yerusalema weho wicaga abahanuzi no kubatera amabuye, abaje bari kugusanga. Nikangahe bashatse kuza kurundarunda abana bawe, nkuko inkoko irundarunda ubushwi musu yamababa iri mukaga ?³⁸Nico gituma inzu yanyu izasigara ntakintu kiyirimo.³⁹Nuko mbabwije ukuri ntaho muzongera kumbona, kugeza igihe co muzagamba ngo: Hahirwa uzaza mw'izina rw'Uwiteka.

24 Yesu ava mu nzu y'Imana, arikugenda abigishwa be baramusanganira bashaka kumwerekana inyubako nziza y'inzu y'Imana. Nawe arababwira ngo: Murikureba bino byose, ndikubabwira mukuri ko ntabuye rizasigara rigeretse kurindi.Yesu yicaye hejuru y'umusozi gwa Elayono, abigishwa be baza rwihishwa baramubaza ngo: Ibyo byugambye bizaba giheki? Tuzamenya gute ikimenyetso co kuza kwawe n'icimperuka y'isi? Yesu arabasubiza ngo: Mwirinde ntihagire umuntu wokubayobya. Kubera ko benci bazaza mw'izina ryanje barikugamba ngo: Ni njewe Kristo kandi bazahabura benci.Muzumva barikugamba ibyerekeye intabara n'ibihuha byayo, mwirinde mudata umutwe, kuko ni ngombwa ko ibyo byose bibageraho, ariko ntarigo mwisho gwabyo. Igihugu kizarwana n'ikindi, ubwami burwane n'ubundi. Hazabaho inzara henshi n'imitingito ahantu henshi. Ubwo rero niho umubabaro guzaba gutangiye.Bazababura amahwemo, bazabica kandi ibihugu byinshi bizabanga kubera izina ryanje. Abantu akangari bazagwa, bazagambanirana no kwangana. Kandi abahanuzi bokubeshya bazaba akangari, bazahaguruka no kubeshya abantu benshi.Kubera ko ububi buziyongera, urukundo rwa benshi ruzakonja . Ariko uzihangana akageza kumwisho niwe uzakizwa. Buno butumwa bwiza bw'ubwami buzabwirizwa musu yose no kuba ubuhamya kubantu bose, nyuma yaho umwisho gwa byose guzasohora.Nuko rero nimubona ikizira kibi cagambwe n'umuhanuzi Danieli, gihagaze ahantu hera (urigusoma asobanukirwe), Nuko rero abazaba bari i Yudea bazahungire kumisozi. Uzaba ari kugasongeror yekuzarindimuka gufata abari munzu ye. Kandi uzaba ari mu murima gwe yekuzagaruka gufata ikoti rye.Ariko bizaba ingorane kubafite inda n'abari konsa muri ico gihe. Musenge kugira ngo guhunga kwanyu bitazaba igihe c'imbeho cangwa igihe c'isabato. Kubera hazabaho amateso menshi gatari gabaho kuva isi yaremwa kugeza buno, ntanubwo gazabaho narimwe. Iyaba iyi misi y'amateso itagabanyijwe, ntanumwe warokoka, ariko ago mateso gazagabanywa kubera abarobanuwe n'Imana.Nihagira uzababwira ngo nguriya Kristo cangwa nguyu mwe kuzabyemera. Kubera ko ba antikristo bazaba benshi n'abahanuzi b'ibinyoma nabo bazerekana ibitangaza kugira ngo bahabure benshi n'abarondowe nabo bazahaburwa. None rero, reba mbagiriye inama bukiri kare.Nuko rero, nibababwira ngo Kristo ari mubutayu mwekujayo, cangwa ngo ari mu mbere, muze mwekwemera. Nkuko umurabyo guturukaga Iburasira zuba gukagaragara no muburengerera zuba, niko bizaba umwana w'umuntu nagaruka. Mumenye ko aho intumbi iryanye niho ibisiga biteraniraga.Nyuma yizo misi izuba rizahinduka umwijima kandi n'ukwezi ntaho kuzatanga umwangaza n'inyenyeri zizagwa zive hejuru. N'imbaraga zo hejuru zizatengurwa.³⁰Ugo muni ikimenyetso c'Umwana w'Umuntu kizagaragarira mukirere, ubwoko bwose bwo kw'isi buzagira ubwoba no kwabira babonye Umwana w'Umuntu agarutse mukirere hejuru afite ingufu n'ubushobozi bwinci. ³¹Noneho azohereza abamalaika be bafite ijwi rinini ry'ingunga, bazateranya abarondowe nawe baturutse mu bice bine guturuka ku ntangiriro kugeza kuyindi.³²Ngaho mwiye gishye ugu mugani g'umutini: iyo amatabi gago gashishe gakazana ibibabi, mumenye ko izuba ririhafi kwaka. ³³Namwe ni nkuko igihe muzabona ibi byose mumenye yuko Umwana w'Umuntu ari hafi kandi hafi y'umuryango.³⁴Ndikubabwiza ukuri ko bano bantu ba buno batapfa ibyo bitarasohora. ³⁵Ijuru n'isi bizavaho ariko amagambo ganje ntaho gazavaho narimwe.Kandi ibyerekeye ugo minsi n'isaha nta muntu uzabimenya, haba malaika wo mwijuru, cangwa Umwana, keretse data wenyine.³⁸³⁷ - ³⁹Nkukop byabaye mugihe ca Nowa niko no kuza k'Umwana w'Umuntu kuzaba. Kuko iyi hambere y'Umwuzure abantu bararyaga, bakanywa, bagasohozwa nogusogozwa bageza igihe Nowa yinjiriye mu safina. ntaco baribari kwitaho kugeza aho umwuzure gwabagereyeho no kubarimbura bose; niko bizaba n'igihe co Umwana w'Umuntu azagarukiraho.⁴⁰Nuko rero abagabo babiri baza bari mumurima gumwe ariko umwe azajanwa undi asigare. ⁴¹Kandi abagore babiri bazaba bazaba basya k'urusyo rumwe umwe azajanwa undi asigare. ⁴²Mwere gusionzira rero kuko mutazi umunsi Umwami wacu azagarukira.⁴³Mumenye neza ko nyir'inzu yamenya isaha ya nijoro umusambo yaziraho ntaho yarigisinzira kugira ngo adatobora inzu ye. ⁴⁴Noneho namwe mube tayari kuko ntaho muzi igiohe Umwana w'Umuntu azagarukiraho.⁴⁵None ninde mokozi wo kwizerwa kandi uzi kwirinda wo bataro yashije hejuru ngo ategeke abantu be kugira ngo abahe ibiryo ku saha? ⁴⁶Uwo mukozi wo pataro azasanga arigukora nkuko ashaka, aashimwa igihe azagarukira. ⁴⁷Ndikubabwiza ukuri azamugira umutware w'ibintu bye byose.⁴⁸ariko ubaye yarabayeye umukozi mibi wigambiraga ngo patarol aratinze kugaruka, ⁴⁹Agatangira kudiha abandi bakozi, akaba arikunyuwa

n'abasinzi, ⁵⁰Umupataro we azaza umunsi gwatamwiteguyeho n'isaha atazi. ⁵¹Azamushanhyaguza kandi amuhe ibye hamwe n'iryarya, aho niho hazabayo kurira no gusya amenyo.

25

¹None ubwami bw'ijuru buzagereranywa n'abahara icumi bafashe amatara gabo bajya gusanganira guanganira umukwe. ²batanu muribo baribari injiji, abandi batano bari bafite ubwenge. ³Mugiye co izo njiji zafashe amatara zibagiwe gushiramo i pitoroli; ⁴ariko abanyabwenge bo bafashe amatara gabo n'uducupa tw'ipitoroli uruhande. ⁵Umukwe atinze bose bararuha no gusinzira. ⁶Nijoro hagati, abantu barayomba barikugamba ngo: umukwe araje tuje kumusanganira. ⁷Abo bahara bose barabyuka bategura amatara gabo. ⁸Izo njiji nazo zirababwira abo banyabwenge ngo: "muduhe ku ipitiroli yanyu kubera amatara gacu garazimye. ⁹Abanyabwenge baramusubiza ngo: oya nimakeya, ntaho gadukwira twese, mugende kubacuruzi mwigurire aganyu. ¹⁰Barikugenda barikunyomboroka kubacuruzi, umukwe araza, abari biteguye binjirana n'umukwe munzu y'ibirori umuryango gurakingwa. ¹¹hashize akanya gatoya babandi baraza nokugamba ngo: "Mwami, Mwami udukingurire." ¹²ariko arabazubiza ngo: "N'ukuri ndababwiye ko ntahombazi." ¹³Mube maso kuko ntaho muzi umusi n'isaha. ¹⁴Kandi bizaba ngu umuntu washatse gukora urugendo yakura abakozi be abaha i mali ye. ¹⁵Aha uwambere amakuta atano, uwakabiri amakuta abiri, uwagatatu amuha ikuta rimwe, akurikiye ingufu za buri muntu, nyuma aragenda. ¹⁶Uwo mwanya owo bahaye amakuta atano aragenda aragacuruzi yungukamo agandi atano. ¹⁷N'uwahawe amakuta abiri nawe yunguka agandi abiri. ¹⁸Uwahawe ikuta rimwe aragenda acukura icobo ahishamo ryakuta rya pataro we. ¹⁹Hashije imisi pataro aragaruka ababaza raporo. Uwahawe amakuta atano araza azanye n'agandi makuta atano. ²⁰Aragamba ngo: Mwami, wampaye amakuta atano, none reba nungutse agandi atano. Pataro aramubwira ngo: "Ni byiza biraboneye uri umukozi mwiza kandi urakiranukaga. ²¹Wabaye umukiranutsi mubintu bikeya nza kongerera akangari; injira wibere m'umunezero hamwe nanje. ²²uwahawe amakuta abiri nawe araza agamba ngo: Mwami, wampaye amakuta abiri, reba nungutse agandi abiri. ²³Pataro nawe aramubwira ngo: nibyiza kandi biraboneye uri umukozi mwiza kandi urakiranukaga, wabaye umukiranutsi mu bintu bikeya nawe nzakongerera akangari. Injira wibere m'umunezero hamwe nanje. ²⁴Uwo yahaye ikuta rimwe nawe araza aragamba ngo: Mwami, narinzi ko uri umuntu mubi, usarura aho utateye imbuto, kandi ugahunika ibyo utagosoye. ²⁵Nyaragutinye nja guhisha ikuta ryawe mubutaka, ngiri shikira ibyaribye. ²⁶Pataro aramubwira ngo: ur'umukozi n'inyanda, waruzi ko nsaruraga aho ntateye imbuto, kandi ngahunika ibyo ntagosoye. ²⁷Wagombaga guha iryo kuta ryanje abacuruzi nagaruka nkabona imali yanje irimo n'inyungu. ²⁸Mumwaka iryo kuta murihereze wawundi wari ufite icumi. Ufite azongererwa kandi azarushirizwaho. ²⁹Ariko udafite bazamwaka nako yarafite. ³⁰Uyu mukozi ntaco amaze, mumuterere mumwijima niho hazaba kurira no kubeta amenyo. ³¹Ubwo umwana w'umuntu azaza n'ubwiza bwe n'abamalaika bose azicara kuntebe y'ubwiza bwe. ³²Amahanga gose gazateranira imbere ye. Azabatandukanya abantu bamwe n'abandi nkuko umushumba atandukanya intama n'ihene. ³³Azashira intama iburyo bwe n'ihene murutandi. ³⁴Umwami azabwira abari mu buryo bwe: muze mwewe mwahawe umugisha na Data, mufate ubwami mwateguriwe uhereye isi yaremwa. ³⁵Kuko narimfite inzara mumpereza ibiryo, nari mpite imyota mumpereza ici kunywa, nari ndi umushici muranyakira mumpa aho kuryama. ³⁶Nari nambaye ubusa mumpereza imyenda, nari ndwaye murangendera, nari ndi mu pirizo muza kunsura. ³⁷abakiranutsi bazamubaza ngo: Mwami twakurebye gihe ki ufite inzara tuguha ibiryo, cangwa ufite imyota tuguha ico kunywa? ³⁸Twakubonye giheki uri umushitsi tukakwakira cangwa wambaye ubusa tuguha imyenda? ³⁹Ni gihe ki twakurebye uraye cangwa uri mu pirizo tuza kukureba? ⁴⁰Umwami azabasubiza ngo: ndababwira ukuri abwo mwabikorera abatishoboye ni njewe mwabikorera. ⁴¹Kandi azabwira abo m'urutambi gwe ngo: "Muve ahondi mwabivumizwa mwe, muje m'umuriro gwireka gutazima gwareguriwe shetani n'abamalaika be. ⁴²kuko nari mpfite inzara ntaho mwampaye ibiryo, nari mpfite imyota ntaho mwampaye amazi go kunywa. ⁴³Nari ndi umushitsi ntaho mwanyakiriye, nari nambaye ubusa ntaho mwampaye imyenda, nari ndwaye no gufungwa ntaho mwaje kundeba. ⁴⁴Nabo bazasubiza ngo: Mwami, gihe ki twakubonye ufite inzara, cangwa ufite imyota, cangwa uri umushitsi, cangwa wambaye ubusa, cangwa urwaye, cangwa ufunze ntikwakwitaho? ⁴⁵Nawe azababwira ngo: mbabwiye ukuri, ubwo mutabikorera abatishoboye ni njewe mutabikoreye. ⁴⁶Abo bazaza m'umuriro gutazima naho abakiranutsi baje mubuzima buhoraho.

26

¹Mugiye co Yesu yari amaze kurangiza amagambo gose abwira abigishwa be : ²Muzi yuko nyuma yimisi biri Pasika irikuza numwana wabantu aratangwa ngo bamubambe. ³Maze abakuru babatambyi nabazehe ba bantu bateranira ku mbunga yumutambyi mukuru witwa Kayafa. ⁴Bigira inama muburyarya ngo bafate Yesu no kumwica. ⁵Ariko baragamba ngo : bwerekuba muminsi mikuru kugira ngo uruyombo rutava mubantu. ⁶Nuko mugiye Yesu yarari iBetaniya munzu ya Simoni wumubembe. ⁷Umugore umwe aramwegera afite icupa ryamavuta yari afite ibeyi rikaze cane agamena kumutwe gwe mugiye yari yicaye kumeza ariarikurya. ⁸Ariko mugiye abigishwa be babibonye bararakara kubera iki gihombo kimeze guca ? ⁹Kubera ago mavuta gari kugirishwa amafaranga kangari no kuyaha abakene. ¹⁰Ariko Yesu arabimenya arababwira kubera iki muri kubuza uyumugore amahoro ? ko yankoreye igikorwa ciza ? ¹¹Kubera ko mufite abakene hamwe namwe buri musu, ariko ntawo turi hamwe buri musu. ¹²Kubera kumena agamavuta umubiri gwanje yabikoze arigutegura guhambwa kwanje. ¹³Nukuri mwebwe ndababwiye ko burihantu hose umwaze guboneye guza bwirizwa mwisi yose ico gikorwa uwo mugore yakoze kiza gambwa nkurwibutso rwe. ¹⁴Hanyuma umwe muri babandi cumu nababiri witwaga Yuda Iskariote aja ku bakubakuru babatambyi. ¹⁵Arababwira : Murampa iki ngo nanje nzamubahe ?

Bamupimira ibice mirongo itatu byi feza .¹⁶ Kuva ico gihe yacatse inzira zo kumutanga.¹⁷ Nuko umunsi gwa mbere gwimikati itasembuye abigishwa be begera Yesu baragamba ngo : ushaka ko tugutegurira ifunguro rya Pasika ?¹⁸ Argamba ngo : Mugende murusisiro ku muntu runaka mumubwire ngo Umwigishwa aragambye : igihe canze kiregeje (kiri bugufi) , iwawe niho nzarira Pasika hamwe nabigishwa banje .¹⁹ Abigishwa bakora nguko Yesu yababwiye .²⁰ Nuko igihe umugoraba gwari gugeze bacarana kumeza hamwe nabigishwa be cumi na babiri .²¹ Mugihe bari bari kurya aragamba : Ndababwira ukuri umwe muri mwe arantanga .²² Bararakara cane , batangira kumubwira umwe umwe , ninjewe Mwami ?²³ Arabasubiza , aragamba ngo : Umuntu wotuza gukoza hamwe musahani niwe uzantanga .²⁴ Umwana wumuntu aragenda nkuko rynditswe hejuru ye ariko azabona ishano umuntu uri gutanga umwan w'umuntu . Byari kuba ngombwa kuri we ko atavuka .²⁵ Yuda wamutanze arasubiza aragamba : Ninjewe Rabi ? Aramusubiza : Weho wabigambye .Mugihe bari barikurya Yesu afata umukati aguha umugisha aragumanyagura , aguha abigishwa be aragamba ngo : Mushikire ugu numubiri gwanje .²⁷ Mushikire murye ugu numubiri gwanje . Afata ikopo arashima arabaha aragamba ngo : Munywe mwese .²⁸ Kubera aga ari amaraso ari amaraso gi sezerano gamenetse kubwa benshi , gukuraho ibyaha .²⁹ Ariko ndababwira ntaho ndarya amatunda yimizabibu kuva none kugeza umunsi go nzanywa amasha hamwe namwe mubwami bwa Data .³² Nyuma , barangije kuririmba baja kumusozi gwa Elayo .³¹ Nuko Yesu arabwira : Mwese muragwa kubera njewe muri iri joro kubera ko byanditswe ngo : "Ndakubita umushumba wintama zitatane .³⁰ Ariko nyuma yo kuzuka kwanje mwe nzabatanga kugera i Galilaya .³³ Ariko Petero arasubiza aramubwira : Nubwo bose bagwa kubera wowe njewe sindagwa narimwe .³⁴ Yesu aramubwira ngo : Nukuri ndakubwiye muri iri joro inkoko itari yabika urampakana gatatu .³⁵ Petero aramubwira : Nibishoboka gumpfa hamwe nawe ntaho ndaguhakana . nabigishwa bagamba gucu .³⁶ Maze Yesu agenda hamwe nabo ahanu hitwa i getsemani abwira abigishwa be : Mwicare hano , mugihe ndigira hirya gato kugira ngo nsenge .³⁷ Afata Petero hamwe na bana babiri ba Zebedayo atamgira kugira agahinda numubabaro . Nuko arababwira : umutima gwanje³⁸ urababaye cane byo gumpfa . Mwicare hano mube maso hamwe nanje .³⁹ Aja imbere gake agwa hasi yubanye arasenga arikugamba : Data nibishoboka irikopo nere kurinyweraho . Ariko siko mbishaka njewe ahubwo bibe uko weho ushaka .⁴⁰ Aza aho abigishwa be baribari asanga basinziriye . Abwira Petero : Ntimwashoboye kuba maso hamwe nanje isaha imwe ?⁴¹ Urebe ndagusabye mutinjira mubigeragezo . Umutima kurakunze ariko umubiri numworo .⁴² Aragenda ubwakabiri arasenga arikugamba ngo : Data niba bitashoboka iri kopo rintambuke ho, gushaka kwawe ariko gusohora .⁴³ Aragaruka asanga baryanye kuberako amaso gabo garigaremereye .⁴⁴ Arabareka arongerera aja gusenga ubwagatatu arikugamba aga magambo .⁴⁵ Kandi agaruka aho abigishwa be bari bari arababwira : Murame , muruhuke . Dore isaha iregereje kandi umwana wumuntu yatanze mumaboko yaba nyabyaha .⁴⁶ Muhaguruke tugende , dore wamuntu wantanze aregereje⁴⁷ Mugihe yari kugamba nuko Yuda umwe wababandi cumi nababiri aza hamwe nawe nabantu kangari bafite imihoro , ninkoni , abavuye kubakuru babatambyi nabazehe .⁴⁸ Nawawundi wamutanze abahereza ikimenyetso aragamba: Uwo ndasoma nuwo mumufate .⁴⁹ Nuko asanga Yesu aragamba ngo : Ndagusuhutsa , aramusoma .⁵⁰ Yesu aramubwira : Nshuti nkora icakuzanye . Nuko Baraza barambura amaboko kuri Yesu baramufata .⁵¹ Kandi , reba umwe mubari barikumye na Yesu arambura ukuboko kwe akura umusho gwe akubita umuko w'umutambyi mukuru amuca ugutwi .⁵² Nuko Yesu aramubwira : Subiza umusho gwawe aho gwari guri kubera ko bose bafataga imisho bazinhwa ni misho .⁵³ Cangwa urikugira ngo njewe ntaho njewe ntaho nakwinginga Data kugira ngo anyohereze kano kanya imitwe cumi nibiri yabamalaika .⁵⁴ Nuko , niburyo ki ibyanditswe bya sohoro ? Nkuko byavuzwe ngo bigomba kuba gucu .⁵⁵ Kuri iyo saha Yesu abwira abantu kangari : Mwaje kumfata nkaho ndi umusambo , Nimisho , ninkoni kugira ngo mumfate ? Burimusi nicaraga hagati yanyu mu kanisa ndi kwigisha ariko ntimwamfashe .⁵⁶ Ariko aga magambo gose gaje kugira ngo ibyanditswe numuhanuzi bisohore . Nuko ababigishwa bose baramuhunga baririka .⁵⁷ Nuko bafata Yesu bamujana kwa Kayafa umutabyi mukuru aho abakarani nabasaza bari abateraniye .⁵⁸ Ariko Petero aramukurikira ari kure kugeza mu mbuga y'umutabwi mukuri arijira yicara hamwe nabakozi kugira ngo arebe iherezo .⁵⁹ Nuko abakuru babatambyi nibarza ryose bashaka abadimwe bo kubesha kuri Yesu kugira ngo babone uko bamwica . Ariko ntibabonye nabadimwe benci bokuhamya ibinyoma .⁶⁰ Ariko Ntibabonye abadimwe benci bo kubesha .⁶¹ Nyuma haza babiri baragamba ngo : Uyu muntu yaragambye ngo : Nshobora kurimbura iri kanisa ry'Imana no kongera kuryubaka mu misi itatu .⁶² Umutabwi mukuru arahaguruka aramubwira ntaco ushobora gusubiza ? ababantu baguhamirije iki weho ?⁶³ Ariko Yesu arahora umutambyi mukuru aramubwira : Ndakurahije ku Mana ihoraho utubwire kwari weho Kristo umwana w'Imana .⁶⁴ Yesu aramubwira weho wabigambye . Ariko ndababwira ko kuva none murareba umwana w'umuntu yicaye kukuboko kwiburyo kubushobozi gw'Imana arikuza hejuru yibicu .⁶⁵ Nuko umutambyi mukuru atandura imyenda ye arikugamba ngo : Atutse Imana .⁶⁶ Murigushaka iki kandi kubadimwe ? Reba none ho mwebwe mwese mwumvishije kutuka Imana kwe . Murigutekerezwa iki ? Barasubiza bari kugamba ngo : Akwiriye gupfa .⁶⁷ Nuko bamuciraho amacancwe mumaso ge no kumukubita inkoni , abandi bamukubita inshi .⁶⁸ Barikugamba ngo : Hanura niba weho uri Kristo Ninde wagukubise ?⁶⁹ Nuko Petero yari yishaye hanze mu mbuga , umugaragu umwe aza aho yarari aragamba : Weho warikumwe na Yesu wi Galilaya .⁷⁰ Ariko arahakana mbere yabo bese aragamba : Sinzi amagambo go urikuvuga .⁷¹ Undi mugore aramureba abwira babandi bari aho : Uyu muntu yarari na Yesu w'umunazareti .⁷² Arongerera aramuhakana hamwe ni ndahiro : Ntaho nzi uyu muntu .⁷³ Nyuma yu mwanya muto babandi bari bahagaraye aho baraza no kubwira Petero : Nukuri weho urumwe nabo kubera ko no kugamba kwawe kurerkana ko uriwe .⁷⁴ Nuko atangira ku vuma no kurahira : Sinzi uwo muntu . Mukanya isake irabika .⁷⁵ Petero yibuka rya jambo Yesu yagambye : mbere y'isake kubika , urampakana gatatu kose arasohoka aja hanze ararira numubabaro mwinci .

¹Bwenda guca abatware bakuru bubwo bwoko na batambyi baja inama yo kwica Yesu. ²Baramuboha bamujana ku mutware Pilato, umuyobozi wi province. ³Noneho Yuda wamugambaniye abonye bamuciriye urubanza aricuza, agarurira abatambyi bakuru bya bice byi feza mirongwi tatu ari kugamba ngo; Nakoze icaha kugambanira amaraso gataraho urubanza. ⁴nabo baramusubiza ngo "biramaze kanti birakureba." ⁵Yuda aterera bya bice by'ifeza mu kanisa aja kwimanika. ⁶Abatambyi bakuru bazitoragura barikugamba ngo: << Ntibikwiriye ko zizanwa mu bubiko byera kubera aribiguzi byamaraso>>. ⁷bamaze kujinama bazigura umurima wo guhamba mo abashitsi. ⁸Niyo mbamvu ugo murima wiswe << Umurima wamaraso>> kugeza nugu minsi. ⁹Niyo byahanuwe numehanzu Yeremia byasohoye ngo: bajanye ibice byi feza ariko igiciro cuwo baciriye uwo bamwe mu bisiraeli baciriye. ¹⁰ Bazigura umurima wumubumbyi nkuko uwiteka yategetse. ¹¹Ubyo Yesu yarahagaze imbere yubutware aramubaza ngo: mwami wabayunda? Yesu aramusubiza ngo. ¹²Ariko Yesu ndiyagira ico asubiza abo batambyi bakuru. ¹³Maze Pilato aragamba ngo: Ndiyumvako bakushinja byinshi Nawe ntaho. ¹⁴yamushubije ijamba narimwe bituma umutegetsi yarakara. ¹⁵Mugihe c'umunsi mukuru umutegetsi, kubwo imigenzo, abafungurira abari bateranye umufungwa umwe uwo basabye. ¹⁶Kuoko hahariho umufungwa waruzwi witwaga Baraba. ¹⁷Bamaze guterana Pirato ababaza ngo: mbafungurire nde? Baraba cangwa Yesu witwa Kristo? ¹⁸Koko yarabizi ko bamutanze bamwanze, bamufitiye ishari. ¹⁹Amaze kwicara ku ntebe y'ubuzuzi umugire we amutumaho ngo, atagira ijamba narimwe agamba kuriwe kuko ar'umunyakuri. Kuko nababajwe n'amagambo ge mundoto kubera uwo muntu. ²⁰Nuko abakuru n'abatambyi n'abakuru b'imiryango boshya abaribateraniye aho ngo: basabe Baraba, Yesu abambwe. ²¹Ariko umuzuzi arababwira ngo, ninde wo nabafungurira muraba babiri? Baragambe ngo: Baraba. ²²Pilato arababwira ngo, ndakori iki kuri Yesu witwa Kristo? Bose baramubwira ngo abambwe. ²³Kuko yabakoreye iki? Bakomeza kugamba ngo: abambwe. ²⁴Pilato abonye ko ntacaha yakoze, induru ibanye nyinci, afata amazi akaraba intoke imbere y'iteraniryo aragamba ngo: amaraso ge gatambarwa ho. ²⁵Bagamba ngo: gatubeho n'abana bacu. ²⁶Yesu Kristo arakubitwa no gutangwa ngo abambwe. ²⁷Nuko abasoda bamujana kwa Ponsio Pilato. Bamukura mu imyenda bamwambika umwenda gumutuku. ²⁸Bahambira ikamba ry'imishubi barimwambika m'umutwe, n'urumori mu koboko kwe k'uburyo, ²⁹baramupfukamira barannyega ngo: namahoro Mwami w'abayuda? ³⁰Bamuciraho amacanjwe, bafata rwa rumori barumukubita kumutwe. ³¹Bamaze kumunnya bamukuraho umwenda bamwambika imyenda ye baja kumubamba. ³²Mugihe bamaze kuvayo babona umuntu wa kurene wo bitaga Simoni bamuhata kujana nabo ngo yikorere umusaraba gwa Yesu. ³³Bageza aho bitaga i Gilgota, bivuga ngo ahantu hari ihanga, bamuha inzoga y'umukurugutira. ³⁴uvanze mo n'indirwe ngo anywe ho ariko nyuma yaho yanga kunywa. ³⁵Bamaze kumubamba, bagabana imyenda ye bakora ubufindo kura ngo ibyanditswe bisohore nkuko abahanuzi bari barabitangaje ngo: bagabanye imyenda yanje kandi bayikoreraho ubufindo. ³⁶Bicara aho baramucunga. ³⁷Bashira hejuru y'umutwe we ibirego bamuregaga byanditswe ngo: UYU NI YESU UMWAMI W'ABAYUDA. ³⁸Maze abasambo babiri babambwa nawe, umwe mubiryo n'undi mubumoso. ³⁹Abaribari gutambuka munzira baramutuka kandi barikuzunguza imitwe yabo. ⁴⁰baragamba ngo weho ubomora ikanisa ukayubaka mu misi itatu. Wikize niba uri Umwana w'Imana. Rindimuka kumusaraba. ⁴¹Abatambyi bakuru nabakarani nabo n'abakuru nabo baramunnya ngo: ⁴²Yakijije abandi ariko we ntiyashobora kwikiza, niba ari Umwami w'abisiraeri n'amanuke ave kumusaraba natwe turamwemera. Yishingikirije ku Imana ngaho n'imukize niba imukundaga. ⁴³Kubera ko yagambye ngo: "nd'Umwana w'Imana." ⁴⁴N'abasambo babambwe nawe nabo bamutukaga gucu. ⁴⁵Uhereye ku saha yagatandatu haba ubwira kabiri migihugo cose, kugeza ku saha ya cenda. ⁴⁶Maze ku saha ya cenda Yesu agamba ijwi riranga ngo: "Eli, Eli, lamasabakitani", Mana yanje niki gitumye undeka? ⁴⁷Abantu bamwe mu bari bahagaze aho babyumvishije baragamba ngo: "arikwakura Eliya". ⁴⁸Ugo mwanya umwe muribo arirukanka ashikira sipongo ayuzuza inzoga isharira kurumuri bararumusomesha. ⁴⁹Ariko abandi baragamba ngo: "mureke turebe ko Eliya araza kumukiza". ⁵⁰Yesu yongera kwabira n'ijwi riranga arapfa. ⁵¹Urisika rwakingirizaga agatagatifu ruratandukamo kabiri biturutse hejuru kugeza hasi, isi inyiga umushitsi ibibuye birameneka. ⁵²Amakaburi garafunguka n'imibiri kangari y'abatagatifu baribapfuye irazuka. ⁵³Bavuye mukaburi binjira mumugi mutagatifu, Yesu amaze kuzuka abonekera kubantu akangari. ⁵⁴Bamaze kubona ugo mutsitsi n'ibiyabaye, umukuru w'abasoda b'abaroma, n'abandi baribari hamwe nawe bari gucunga Yesu, baratinya cane baragamba ngo: uyu mugabo koko yari ar'Umwana w'Imana. ⁵⁵Ahongaho hari abagore benci bari bavuye i Gariraya, bamuherekeje kugira ngo bamufashe. ⁵⁶Hagati yabo harihariho Mariya w'imagdala, Mariya nyina wa Yakobo na Yozefu na nyina w'abahungu ba Zebedeyo. ⁵⁷Bigeze kumugoroba haza umugabo w'umukire witwa Yozefu wa Arumatayo. Uwo yari umwigishwa wa Yesu. ⁵⁸Aja kwa Pilato gusaba umurambo gwa Yesu. ⁵⁹Yozefu afata umurambo aguzingira mu mwenda g'umweru. ⁶⁰Agushira mukaburi ko yari yariyiteguriye we ubwe mu butare. Nuko ashira ho ibuye rinini kumwinjira gwakaburi, maze arigendera. ⁶¹Mariya w'Imagdala n'undi Mariya bari bicaye aho bitegereza akaburi. ⁶²Bukeye bwaho, gwari umusi gwo kwitegura isabato, abakuru b'abatware, b'abatambyi n'abafarisayo bajana kwa Pilato. ⁶³Nuko baragamba ngo: "Mutware, twibutse ko wamubeshi yari atariyapfa yaragambye ngo azazuka nyuma y'imisi itatu. ⁶⁴None ushireho abarinzi bo gucunga akaburi kugeza kumusi wa gatatu. Kugira ngo baigishwa be batazambwira bakagamba ko yazutse. Ubwo bwabeshi bwanyuma bwaba burigusumba ubwambere." ⁶⁵Pilato arababwira ngo: namwe mufite uburinzi bwanyu, mugende, mumucunge namwe nkuko mubyifuza. ⁶⁶Baragenda, bashiraho abarinzi bo kurinda, bacunga akaburi, nyuma yaho gushira ikimenyetso kwibuye.

Kandi mubigishe kwitondera ibyo nabategetse byose . Kandi dore ndi hamwe namwe iminsi yose kugeza ku mwisho gw'isi .¹Nyuma yisabato , mugitondo cumusi gwambere gwicumweru , Maria wi Magdala na Mariya undi baja kureba kaburi .²Dore , maze habaho kunyiga umushitsi gw'isi kubera ko Malaika w'umumwami Mana yari agogomye ava mwijuru aje kwiguhirika ibuye maze aryishara hejuru .³yasanaga nu murabyo , kandi umwambaro gwe gwasanaga nurubura .⁴Abarinzi baratitira kubera ubwoba bahinduka nkabafuye .⁵Ariko Malaika afata ijambo nuko abwira abagore ngo : Mwebwe ho , kubera ko nziko murigushaka Yesu wabambwe .⁶Ntaho akiri hano yazutse , nkuko yari yagambye muze murebe aho yari aryamishijwe .⁷Nuko mugende bwangu mubwire abigishwa be ko yazutse mubapfuye , kandi dore atabatangira kugera i Galilaya iyo niho muzamurebera dore ndabibabwiye .⁸Bavambwangu mukaburi , bafite ubwobabwinshi kandi bafite ibyishimo nuko bariruka babwira abigishwa iyo nkuru .⁹Nuko Yesu aza guhura nabo , aragamba ngo : Ndabaramukije mwinjire mugire amahore .Baramwegera ugira ngo bafate ku birenge bye , kandi baramuramya .¹⁰Nuko Yesu arababwira ngo : Mwegutinye mugende kubwira bene Data ngo baze iGalilaya kuko niho bazambonera .¹¹Bakiri munzira bamwe muri babarinzi , binjira mu mugi nuko bacurira abatabwi bakuru ibyabaye byose .¹²Aba bamaze guterana nabazehe no kuja inama , baha abasoda amafaranga menshi .¹³Baragamba bati mugambe ko abigishwa be baje mwijoro baramwiba igihe twari dusinziriye .¹⁴Niba kandi , umutegetsi wa provense(Intara) nabyumva , twewe tuza mucubya tubakure mukaga .¹⁵Abasoda bafata amafaranga nuko akurikiza bategetswe gukora . Nuko inkuru zibihuha zikwira hagati yabayuda kugeza ugu muni .¹⁶Abigishwa icumu numwe baja muri Galilaya , kumusozi go Yesu yari yaberetse .¹⁷Bamubonye , baramuramya .Ariko bamwe muribo barashidikanya .¹⁸Yesu amaze kubegera ababwira uca ngo : ububasha bwose narabuhawe mwijuru no kwisi .¹⁹Mugende , muhindure amahanga yose abigishwa , mubabatiza mwizina rya data , ry'Umwana ni ry'Umwuka guboneye .²⁰Kandi mubigishe kwitondera ibyo nabategetse byose. Kandi dore ndi hamwe namwe iminsi yose kugeza ku mwisho gw'isi.